


# IMFUNGWA

 ...hano na none, mw'Izina ry'Umwami Yesu, no kumva imirimo ikomeye kandi itunganye wakoze, mbere. Noneho ubu duhagaze dutegereje, bizamura kwizera kwacu no kudasiga amavuta, twizera ko ibyasabwe muri iri joro bizasubizwa. Uzi buri cyose muri byo na buri wese muri bo, mu byo basabye byose. Kandi turabasengera, cyane cyane Mwami, abegereje urupfu. Zana amahoro ku bugingo bwabo niba ntayahari. Zana gukira ku mubiri wabo. Byemere, Mwami.

<sup>2</sup> Ha umugisha guhurira hamwe kwacu. Tu—turasenze, Mwami, muri aya materaniro y'ijoro ryo kuwa gatatu, ko, nk'uko twateranye, tuzi ko aho babili cyangwa barenga tuzaba duteraniye, Wowe uzaba uri kumwe natwe. Turagusaba, Mwami, kuduha Ijambo ryawe iri joro. Vugana natwe, Mwami, kandi ususurutse imitima yacu, bidasanze, kugirango tumenye uko tugomba kwitwara mu gihe gikomeye kiri imbere, nk'uko twemera ko twegereje Ukuza k'Umwami.

<sup>3</sup> Turagushimira ku bantu bakundwa batangiye kubona ukwizera, kandi bazi icyo kwizera bisobanura. Kandi no kumenya, ndetse no gushimira ku bikorwa bikiri imbere, twizera ko hari icyo uzakora. Mwami, dutegereje dushishikaye, nko mu bihe bya kera, twizera ko igihe cyegereje mu gihe Ugiye kuzamura amadirishya y'Ijuru hanyuma usuke amasezerano Imana yasezeranije muri iyi minsi ya nyuma.

<sup>4</sup> Noneho turagusaba, Mwami, ku—kubana na bose, hirya no hino mu mahanga, nk'uko uyu muni twumvise benshi hirya no hino, ahantu hose, ibyo birakenewe. Bahe ibyo basabye, Mwami. Turasenze ngo tubone u—ukuboko gukomeye kw'Imana kuzenguruka kw'isi yose mu bashaka iki kintu gikomeye.

<sup>5</sup> Utubabarire ibyaha byacu. Uduhane, Mwami, hamwe n'Umwuka Wawe n'Ijambo Ryawe, kugira ngo twitonde, nk'abagaragu bumvira, abakozi bumvira mubushake bw'Imana. Reka twibuke, kandi tugerageze gutekereza mu mitima yacu, ibyo Abakristo bo hambere bakoze. Ni ubuhe bwoko bw'abantu twahura na bwo mu gihe twahuye n'abantu bari bahuye na We bonyine. Ukuntu mu maso habo hagomba kuba harabagirana kwizera n'ibyishimo. Ukuntu ubuzima bwabo bugomba kuba ari Ijambo rizima ry'Imana, gusa kuba “inzandiko zanditse zisomwa n'abantu bose,” uko bagenda no mu bantu. Mana, ongera ubitange.

<sup>6</sup> Turifuza ko ubuzima bwacu bugushyikirizwa, ko Umwuka Wera ubaho muri twe, kandi ukavuga binyuze muri twe, Mwami. Reka twibuke, mu bitekerezo byacu, mu gihe tugenda mu muhanda tugashyikirana n'isi, ntidukiye kumera nka

bo. Kandi tujya ku ruhande tukabasigira umwanya, Mwami, mu gihagararo cyabo kibakwiye hano kw'isi. Tuzafata intebe y'inyuma, ariko tuzi ko turi intumwa ziturutse mu yindi si. Dufite Ubwami buza mu mbaraga, Mwami. Kandi Umwami wacu ukomeye azaza vuba yigarurire ubutegetsu bwose buri mu bwami Bwe. Azategeka kandi Aganze; turi kumwe hamwe na We hano ku isi, imyaka igihumbi, kandi tubane na We ubuziraherezo.

<sup>7</sup> Hamwe n'ibi mu bitekerezo, Mwami, ubu dutegereje igisubizo cy'amasengesho yacu. Dutumbiriye ku byo twatuye. Niba hari icyo twakoze, twavuze, cyangwa twatekereje ikintu cyose, kinyuranye n'ubushake Bwawe bukomeye, reka Amaraso ya Yesu Kristo atweze.

<sup>8</sup> Utuyobore, Mwami, nkuko mushikiwacu yabivuze iri joro, kuberekeye we n'umugabo we mu muhanda ugana i Chicago. Bayobore, Mwami Mana, ahantu ushobora kubakoresha, kugira ngo babe urumuri rw'umucyo ku bandi bagenda mu mwijima, batazi Umwami wacu Yesu. Noneho tugushinze umurimo, kandi twumva Ijambo Ryawe rikosora, kugira ngo tumenye uko dutegura iyi saha ikomeye, mw'Izina rya Yesu ni ho tubisabye. Amina.

[Ahantu hatagaragara kuri kaseti. Mwene Data Neville agize icyo avuga—Ubwanditsi.]

Uwiteka aguhe umugisha. Urakoze, mwene Data.

<sup>9</sup> Nari ntunguranye gato kuri ibi. Njye, kuba hano mu rugo, numvaga nk'aho ntagomba rwose kugira aho njya, byihutirwa, Nakumva meze nabi cyane, ndamutse ngumye mu rugo sinze mu materaniryo y'amasengesho. Nahageze mu by'ukuri mu buryo butatekerezwaga, kuri njye, ndetse no kummuryango wanjye. Ninjiye gusa, mpita Ngenda. Nuko ndavuga nti: "Ndamanutse ngiye mu materaniryo y'amasengesho." Kandi nta n'umwanya yari afite wo kwitegura kuza, rero ntabwo yari azi ko naje.

<sup>10</sup> Nshimishijwe rero no kumva ubuhamya bwa mushiki wacu hariya, umuvandimwe, ku byerekeye rwa Rumuri kuri Carolina y'Epfo cyangwa Carolina y'Amajyaruguru, ahantu runaka. Greenville, ni byo? [Mushikiwacu ati: "Oya. Pines y'amajyepfo."—Ubwanditsi.] Pines y'amajyepfo. Yego.

<sup>11</sup> Mwene Data Lee Vayle ari hano uyu muni. Namubatije, uyu muni, mu gikorwa cy'umubatizo hano uyu muni. Mwene Data Lee Vayle, urabizi, umwe mu baminisitiri bari hariya, Mwene Data Parker Thomas. Hariya hari . . .

<sup>12</sup> Ndabyibuka—icyo gihe, mushiki wacu afite igicucu. Byari icyemezo gikomeye, mushiki wacu, ku byo . . . Umwuka Wera rimwe na rimwe azatwemerera kujya mbere kandi tugerageza kwizera kwacu, kugirango turebe icyo . . . kandi tugerageze ukwizera kw'abandi. Iyo urimo kureba ikintu runaka, hanyuma

ukabona ikintu, ukakivuga; abandi bakareba ntibakibone, bakavuga ngo ntagihari. Murareba? Ariko nyamara gihari.

<sup>13</sup> Noneho, nta muntu n’umwe washoboraga kubona ko Umucyo uri hejuru ya Pawulo, ariko nyamara wari uhari. Nta muntu n’umwe wabonye inuma imanuka ivuye mw’Ijuru, muri iyo shusho, mu buryo, yamanutse ikajya kuri Yesu, uretse Yohana ubwe. Ariko nyamara yari ihari. Murareba?

<sup>14</sup> Noneho rero, hanyuma, nyuma y’ihihe ubwo nabwiraga abantu ibijyanye n’umucyo umeze nk’Inkingi y’Umuriro, nta muntu n’umwe washakaga kubyemera. Ariko ubu ijisho ry’imashini ya kamera ryerekanye Ibyo.

Noneho haza umwuka mubi wijimye.

<sup>15</sup> Ni nk’aho ubuzima bwacu, ari igicucu. Kandi niba turi, niba turi urumuri, turi rwo, niba ubuzima bwacu buhanganye n’Umucyo w’umunsi, tugendera mu Mucyo.

<sup>16</sup> Ni nk’aho ureba hanze ukavuga uti: “Ndabona izuba,” ku manywa. Wowe—urabona igicucu cy’izuba. Ni ikigaragaza izuba. Ntabwo ari izuba, ubwaryo, ariko cyerekana ko hariho izuba. Kirerekana ko hariho izuba.

<sup>17</sup> Noneho ubu iyo mbona, nkawe ugiye hanze, ukoresha agahumuyaga, uganira, ibyo bivuze ko uriho, ariko ni igicucu cy’ubuzima gusa.

<sup>18</sup> Kubera ko, ikintu cyose kigira umwijima muri cyo, kugira ngo gikore igicucu. Murareba? Kuberako, igicucu kigomba kugira umwijima mwinshi n’umucyo mwinshi, kugira ngo hakorwe igicucu. Kandi ntigishobora kuba umwijima rwose, kandi ntishobora kuba umucyo rwose. Niba ari umwijima, ni umwijima rwose. Niba kandi ari urumuri, nta gicucu, nta kintu gihari cyo gukora igicucu. Ariko niba ivanzemo umwijima n’umucyo, bikora igicucu.

<sup>19</sup> Turi igicucu cy’umucyo. Noneho urimo kwerekana ubuzima buva ahandi. Niba uri, n’Umukristu, ibi kuba igicucu, byerekana gusa ko hariho Ubuzima budashobora gupfa, kuko ubu buzima bufite urupfu muri bwo. Murareba? Ariko ni igicucu, kuko uri muzima, wimura ikiremwa gifite ubushobozi bwo kubona, gutekereza, kwimuka, no kuvuga, ni ibyumviro bitanu by’umubiri. Ariko nyamara urabizi, bo, barapfa. Kandi hariho ibibazo byinshi. Urabizi, bishobora kuba gusa... Ni ibigaragaza, murebe, ko hariho ubuzima n’urupfu bivanze hamwe.

<sup>20</sup> Umubiri ugomba gupfa. Ariko niba utekereza, ku buzima bwawe bupfa, Umucyo w’Ijuru, noneho uba ugaragaza Uburingo Buhoraho, Imana. Noneho iyo upfuye, ntushobora kurenza kujya kuri urwo rumuri, kuko Ni byo wagaragaje.

<sup>21</sup> Niba uri mw’isi yijimye, urabigaragaza, kandi ushobora kubikora, ntunyure mu yindi nzira uretse iy’umwijima.

Murareba? Turi mu gicucu cy'ibitekerezo. Rero, turabona ko nk'uko Umwuka Wera agaragaza Umucyo n'Ubuzima, ni ko urupfu rugaragaza umwijima.

<sup>22</sup> Kandi hano byombi birahari. Ejo- . . . Mu gihe cy'icyumweru, wenda ku cyumweru, turimo gutubura ifoto ngo tuyigire nini, ku buryo twayishyira hariya ku rukuta rw'amatangazo.

<sup>23</sup> Aho, ifoto *yawe* imanitse hariya ku rukuta rw'amatangazo. Sinzi niba wabibonye, cyangwa utabibonye. Hanyuma . . .

Kandi hafi mu cyumweru gishize, muri—muri Jamayike, aho nari ndi umumisiyonari . . . Turohereje kaseti kw'isi yose. Kandi *Ibimenyetso birindwi* byongeye kugaruka . . . byinjira mu gihugu cya Jamayike, bicengeramo imbere. Kandi ni byiza cyane gusubira inyuma, inyuma y'umusozozi Blue Mountain. Kandi ba kavukire, rimwe na rimwe, baba bafite i—icyuma gifata amajwi tujya tubaha, ni ngombwa ko kuri—Kuri, nko ku musaza Victrola ukuze, arayireka ikavuga, hanyuma akayireka—akayireka ikiyana nka gutya. Hanyuma, buri minota mike, umuntu agomba kongera agakanda.

<sup>24</sup> Iri tsinda ryari rifite akabateri gato—gato . . . bateri, bateri ya volute esheshatu, cyangwa ikindi nk'icyo, ikina kaseti. Kandi bo—bose bari bashyize hamwe, ku byerekeye ibiri kubera hano muri iri joro, bumva ibyo *Bimenyetso*, ndizera ko ariko byari bimeze. Kandi ubwo Nari nkirimo kuvuga, binjiye mu cyumba cy'iteraniri, haza iyo Nkingi y'Umuriro, igendagenda hejuru aho hari icyuma gifata amajwi cyari kiri inyuma iguma hejuru yacyo. Nuko baragenda babona kamera bafata ifoto Yayo. Kandi ni yayindi, iri hariya, igaragaza urumuri rwayo hariya hejuru yacyo. Noneho turimo kuyagura, kugirango dushobore kuyishyira ku—ku cyapa kinini cyamamaza hanze, aho mushobora kuyibona.

<sup>25</sup> Twishimiye cyane ubuntu bw'Imana bwazanywe muri twe . . . muri twe muri iki gihe. Ubu twishimiye ibintu byinshi.

<sup>26</sup> Noneho ndatekereza ko nzareba hano nkareba niba nshobora kubona zimwe, zimwe mu nyandiko cyangwa bimwe, ibindi navuzeho. Cyangwa, udushakire ubwoko runaka i—i . . . Nabonye inyandiko yanditse mu gitabo, uko byagenda kose, ngarutse hano. Niba nshobora kubona imwe, birashoboka ko Uwiteka azampa icyo mvuga ku bintu, mu gihe dusenga.

Noneho, turategereje kubwo Kucyumweru.

<sup>27</sup> Nagiye mvuga mu butumwa. Kandi, Kucyumweru, nabagumishije hano umwanya muremure, mvuga nti: “Kubera iki mumpamagara Njyewe? Muvugane n'abantu hanyuma mukomeze.”

<sup>28</sup> Noneho, Kucyumweru n'igikorwa cyo gukiza indwara aho abarwayi bagomba gusengerwa. Noneho, mwegere hafi y'abarwayi, kandi hagomba kubaho impamvu zimwe zituma

abarwayi, iyo tubasengera, niba badakize, kandi ndashaka, niba Uwiteka abishaka, kubw'inyigisho ngufi gusa ku cyumweru mu gitondo, kugirango . . . Noneho, ngiye kugira umurimo wo gukiza indwara, kandi nsengere abantu bose. Kandi Billy Paul cyangwa bamwe muri bo bazaba hano ku cyumweru mu gitondo, nka saa munani, igihe itorero rifungura, guha abantu amakarita uko binjiye mu muryango, cyangwa igihe cyose binjiye.

<sup>29</sup> Noneho, noneho, ndashaka kugerageza, ndizera ko Umwami hari ukuntu yampaye ubushishozi buke akaba ari yo mpamvu ituma hariho abantu bamwe badakira. Kandi nanjye—Nizera ko ari ukubura gusobanukirwa. Nanjye—Ndizera, ahari, tuzavuga kuri ibyo, Ku cyumweru mu gitondo, Umwami nabishaka.

<sup>30</sup> Noneho, kuwagatatu nijoro amateraniro y'amasengesho aba ari magufi aho duhura tugasenga, nk'uko tubigenza, kandi tugahurira hamwe.

<sup>31</sup> Rimwe na rimwe, njye—njye nizera kimwe mu bintu bikomeye mbona muri uyu muni, ni ukubura umurava mu byo twemera. Murareba? Murareba? Iyaba Imana, mu gihe cya John Wesley, yari gukora uwo muni ibyo yakoze uyu muni, yari gukora iki; mu gihe cya Martin Luther, cyangwa n'ikindi gihe? Nk'ibyo tubona akora, byombi byemejwe na n'Itorero, kubw'Umwuka, kandi kubwa siyanse, na buri rugendo rwose, rwaryo—rwaryo—n'ugusigwa kwaryo rigomba kubimenya. Kandi Ijambo ry'Imana hano rirabitangaza rikabivuga mbere y'uko bisohora. Hanyuma rikomeza, guhanura, rikerekana ikintu nyine We yavuze, kizasohora neza, neza icyo Yavuze. Kandi nanone dukomeje kwicara nk'abanebwe, nk'aho turimo kwibaza. “Ni byiza, ndibaza niba ibyo bishobora gusobanura njyewe? Ndibaza niba bishobora gusobanura gusa i—itorero, muri rusange? Cyangwa—cyangwa, ndibaza niba koko ndimo muri Iri?” Ntekereza ko, ku Cyumweru mu gitondo, nzagerageza kuvuga kuri amwe mu mahame ashobora kutumurikira bike.

<sup>32</sup> Noneho, iri joro, nabonye ikintu, gusa mugihindukize hano, 'mbere y'uko manuka. Natekereje nti: “Byagenda bite iyo Mwene Data Neville, iyo nza kumanuka hariya, akambwira ati: ‘Haguruka uvuge,’ hanyuma nkicara gusa?” Murareba? Natekereje nti: “Ni byiza kwandika Ibyanditswe bibiri.” Kubera ko, ndabizi, we, ni umuvandimwe mwiza cyane, natwe—turamushimira.

<sup>33</sup> Mbere yo gusengera Ijambo, ndashaka kumenya u—mwene Data. Ntabwo nshobora no guhamagara izina rye muri aka kanya, babiri muri bo. Barahari, inshuti zanjye. Ni . . . Ni abakozi n'abavugabutumwa, mu murimo, basohotse. Bumvise ubu Butumwa bakoresheje kaseti. Kandi bari mu madini atandukanye, abasore babiri. Kandi umusore arishimye, umwe muri bo arishimye cyane, kugeza ubwo yamanutse akajya, i Tucson, vuba aha, agiye gusoza amateraniro. Ntekereza ko

hari ku nifunguro rya mugitondo ry’abagabo babacuruzi. Nuwo musore, umusore mwiza, aramanuka. Kandi ari . . .

<sup>34</sup> Bakomoka muri Kansas. Kandi baza inzira yose hano kugirango mbashyingire. Ndabyishimiye. Gutekereza ko abantu bizera amasengesho yawe, bihagije, bizera ko Imana iyumva kandi igasubiza; urubwiruko rutangirira mu buzima, nka gutya. Kandi bageze hano ejo, kugirango mbashyingire, kugirango menye icyo amategeko Indiana asaba, ko hamwe n’ibyo harimo no gupima amaraso, gutegereza hano muri leta, iminsi itatu, mbere y’uko bashyingirwa. Ntabwo rero bashobora gushyingirwa kugeza kuwa gatanu mu gitondo.

<sup>35</sup> Kandi ndabaza mwene Data hariya ku mpera, niba yabasha guhaguruka akatubwira uwo ari we, n’umudamu we mwiza cyane hariya, hamwe na mwene Data ukurikira.

<sup>36</sup> [Mwene Data aravuga ati: “Urakoze, Mwene Data Branham. Mfite amahirwe yo kuba hano. Nanjye ndi Mwene So Roger O’Neil, utuye Kansas, uri mu rugendo rw’akazi, nk’umuvugabutumwa, uvuga ngo: ‘Yesu arakiza, akiza, kubwo kwizera Yesu. . . ? . . .’ Mporana umutwari wanjye. . . ? . . . Uyu ni umukunzi wanjye, Patricia Brown. Tugiye kurushinga, kuwa gatanu. Uyu ni umuvugabutumwa dukorana, Mwene Data Ronnie Hunt, hano hirya ku hahera. Kandi uyu ni umukunzi we, Carol. . . ? . . . Kandi twishimiye kuba hano muri iri joro.”—Ubwanditsi.]

<sup>37</sup> Murakoze cyane. Twifurije rwose aba ba ambasaderi bato, kubw’umurimo w’Umwami Yesu, imigisha y’Imana, kubihutisha mu rugendo. Kandi nk’uko nibaza, ntegereje ukuza k’Umwami, no kubona abasore n’inkumi bafite intego mu mutima, gukorera Kristo, biranshimishije, reba, kubona bahaguruka gutya. Uwiteka abahe imigisha, mwene Data, mushiki wanjye.

<sup>38</sup> Noneho reka duhindukire ku Gitabo gito ntigeze mvugaho mbere, mu buzima bwanjye. Kandi ni byiza cyane. . . Igice kimwe gusa, Igitabo cya Filemoni. Kandi ni i . . .

<sup>39</sup> Ndi umunya Irlande gato, kandi nanjye—kandi mfite insinga izengurutse amenyo yo hepfo, gushyira abashakanye inyuma mu mwanya. Nda, Nda, rimwe na rimwe ntabwo mvuga aya mazina neza, iyo nzi icyo ari cyo. Kandi rimwe na rimwe sinshobora kubivuga neza, kubera kubura amashuri. Noneho, “Filemoni,” umuntu yavuze agarutse hariya, nkeka ko mu by’ukuri ari ibyo kuvuga neza.

<sup>40</sup> Noneho, umurongo wa 1, ndashaka gukuramo ijambo cyangwa abiri gusa.

*Pawulo, imfungwa ya Yesu Kristo, . . .*

<sup>41</sup> Kandi ni byo nshaka gukoresha iri joro, nk’inyandiko, Uwiteka nabishaka, ni: *Imfungwa*.

42 Noneho, ntushobora kwiyumvisha Pawulo kubyerekeye imfungwa. Umuntu uvuka, yuzuye Umwuka Wera, ariko nyamara ariyita “imfungwa.”

43 Noneho ubu turabimenye, mu gihe arimo kubwira Abanyakorinti ati: “Pawulo, intumwa ya Yesu Kristo.” Ikindi gihe ati: “Pawulo, umugaragu wa Yesu Kristo kubushake bw’Imana,” iyo arimo avugana na Timoteyo, aba atandukanye. Noneho igihe yandikiraga Filemoni yagize ati: “Pawulo, imfungwa ya Yesu Kristo.” “Pawulo, intumwa,” Ijoro rimwe ndashaka kubwiriza kuri ibyo. “Pawulo, u—umugaragu,” kubwiriza kuri ibyo. Hanyuma, “Pawulo, imfungwa.”

44 Ariko, iri joro, kuba byafata amasaha kugirango dusuzume neza kimwe mu bisobanuro, Ndashaka gufata, iri joro, “Pawulo, imfungwa,” hanyuma ufate ingingo ivuga ngo: *Imfungwa*.

Noneho reka twunamishe imitwe yacu akanya gato.

45 Mwami Yesu, umuntu uwo ari we wese, ushoboye mu buryo bw’umubiri, ashobora gusubiza inyuma page ya Bibiliya, ariko Umwuka Wera wenyine ni we ushobora kubisobanura mu mucyo wagenwe. Turamusabye kuza nonaha ngo adufashe kumva ibyo ari byo, ku byavuzwe, uyu muhanuzi ukomeye, ukomeye, Pawulo, nyamara yiyita “imfungwa.” Umwuka Wera arabiduhishurira mu gihe tumutegereje, mw’Izina rya Yesu Kristo. Amina.

46 Noneho nshobora kwiyumvisha uko, Pawulo, igihe yandikiraga Filemoni iyi baruwa, uko yari yicaye muri gereza, hepfo hariya muri gereza y’uyu mujyi, i—i—imfungwa. Kandi yashoboraga kumenya neza, ukurikije umwanya we icyo iryo jambo risobanura. Yari akikijwe—nu—n’uruzitiro. Yashoboraga kurekurwa gusa nk’uko umuntu yamurekura akidegembya. Kandi yari azi kuba imfungwa icyo ari cyo. Hanyuma, nanone, nizera ko i—intumwa yashakaga kuvuga bike . . . ntabwo ari neza neza kuvuga ku byari biri kumubaho ako kanya, nk’imfungwa u—umubiri we wicaye hano muri iyi—iyi gereza. Ariko ndizera ko yavugaga ibye—kubaho kwe, ibye—ibye—umwuka we, ubushake bwe, kuba imbohe ya Yesu Kristo.

47 Noneho, twese twaravutse, turi abakozi bigenga b’ubusa, kugirango dufate icyemezo icyo ari cyo cyose twifuza. Imana irabikora. Kubera ko, We agomba gushyira abantu bose ku murongo umwe, cyangwa agashyiraho umuntu mubi . . . Yashyize umuntu wa mbere mu murongo w’urufatiro rutari rwo, Imushyira mu rufatiro rw’ubushake bwacu bwo kwihitiramo ibitunogeye. Murareba? Iri joro tumeze neza neza rwose, nka Adamu na Eva. Nta tandukaniro. Ibyiza n’ibibi byishyira imbere ya buri wese muri twe. Ubuzima n’urupfu, dushobora guhitamo; biratureba, ni ahacu kubikora. Murareba?

48 Ni bwo buryo Adamu na Eva bakoze, kandi, kubona, kandi—kandi bahisemo nabi. Noneho, kubw’ibyo, shyira ubwoko bwose, bw’abantu, muni y’igihano cy’urupfu.

49 Hanyuma, Imana yamanutse mu ishusho y’umuntu, ifata urwo rupfu, yishyura igihano cy’urupfu, ko . . . Abayoboke Bayo bashaka ku—kubohoka bashobora kubohoka ku buntu.

50 Noneho, niba yaradutwaye, atabigenjeje nk’uko yakigenje kuri Adamu na Eva, akaba yaradukuye mu kintu runaka, akavuga ati: “Nzagukiza waba ubishaka cyangwa utabishaka,” hanyuma agashyira Adamu na Eva—ku buryo butari bwo, murabona. Ariko buri wese muri twe agomba guhitamo, uyu muni, hagati y’urupfu n’ubugingo. Twabikora.

51 Nk’uko nabivuze, niba urumuri rwawe ruzagaragaza ubuzima bwawe, ruzerekana neza uruhande urimo. Sinzi uruhande uvuga ko urimo. Ibyo ukora, buri muni, byerekana icyo uri cyo. Wigeze wumva invugo ishaje, “Ubuzima bwawe buranguruye, sinshobora kumva ubuhamya bwawe.” Murareba? Iwawe—ibikorwa byawe birasakuza cyane.

52 Nahoraga nizera ibijyanye no kuvuza akaruru no gusimbuka. Ariko namye mvuga nti: “Ntusimbukire hejuru kurenza uko ubaho, kubera ko isi izabyitegereza.” Murareba? Ugomba gusimbuka hejuru bijyanye n’uko ubaho, bityo, kuko umuntu akwitagereza. Noneho ubwo . . .

53 Abantu ntibazaza mu rusengeru. Bo—bo, benshi muri bo, ntibazabikora. Kandi bamwe muri bo, batazaza, ni abantu babikuye ku mutima. Babonye ruswa nyinshi mu itorero, kugeza igihe badashaka kugira icyo babikoraho. Kandi inshuro nyinshi, turimo kuvuga ku bitekerezo byuzuye, ntushobora kubashinja, ni murebe, kubera u—uburyo abantu bakora. Biyita Abakristo. Ni igisitaza gikomeye isi yagize, umugabo n’umugore bavuga ko ari Abakristo, kandi babaho ukuntu gutandukanye n’ibyo bakora. Ni byo rwose.

54 Noneho, ku bijyanye n’ibica intege bizaza mu gihe cy’urubanza. Noneho, umunyabyaha, umujura, abakina urusimbi, abasambanyi, uwo—ntazabura kumva igihano cye gisomwe, “Kujya mu muriro w’iteka.” Ntazabura kucyumva. Ariko uwo mugenzi wawe ugerageza kwihisha inyuma y’umurimo runaka w’itorero, nguwo umuhungu agiye gutungurwa ku muni w’urubanza. Murareba? Ibyo bivuga ko ari Umukristo, kandi abaho mu bundi buryo. Byaba byiza kuri we kuba atarigeze akora umurimo uwo ari wo wose, atangira, kuruta gutangira no kubaho ukundi. Kubera ko, ni we gisitaza gikomeye dufite, ni kuri uriya mwarimu avuga ko we—we—ari Umukristo, kandi abaho ukundi.

55 Buri gihe, ntukarebe ubuzima bwawe ushingiyeye ku mbaraga ufite zo gukora ibitangaza. Kandi ntitwisuzuma ubwacu duhereye ku bw’ubumenyi ufite ku Ijambo. Ariko buri gihe



wisuzume, usubize amaso inyuma kandi wigenzure urebe ari ubuhe bwoko bw'imbuto ubuzima bwawe bwera. Murareba?

<sup>56</sup> Nk'uko nabwirije hashize igihe, mu nama y'abacuruzi i Phoenix, muri Arizona, mvuga kubyo kwigaragaza kwa Yesu, byerekana Ubuzima bwa Gikristo. Navuze ko navukiye hano muri Kentucky, aho ni gakondo cyane, cyane cyane nkiri umwana. Kandi uyu mwana muto muto ntabwo yigeze agira u—u—u—urugo nk'urwo dufite hano, aho twari dufite abadamu benshi beza bagomba kwireba mu ndorerwamo, mu nzu yose, bagumisha umusatsi mu mwanya wawo, n'ibindi n'ibindi. Ariko yari afite indorerwamo ntoya, agace gato kashyizwe ku giti hanze, aho intebe yo gukarabiraho yari iri, aho nyina na se bogeraga, kandi bakahogoshera umusatsi wabo, n'ibindi, uhereye kuri kariya gace gato k'indorerwamo ishaje kashyizwe ku giti.

<sup>57</sup> Mvugishije ukuri, ubwo ni ubwoko bw'imuhira twari dufite, niba hari umuntu ushaka kwireba mu ndorerwamo, twebwe abana, twagombaga gufata agasanduku tugahagurukira ku ntebe yo gukarabiraho, hanyuma ukareba muri iki gice cya ya—ya ndorerwamo natoraguye, nnyewe ubwanjye, mu kimpoteri. Ntabwo byari hepho aho muri Kentucky. Ni hano mu mujiyi wa Indiana, hakurijya kuri Utica Pike hafi ya aho turi.

<sup>58</sup> Noneho, uyu mwana muto ntabwo yari yarigeze yibona neza kuriya. Noneho, yari yaje mu mujiyi, gusura nyirakuru. Kuri... Ari gutembera mu cyumba, nyirakuru yari afite inzu ifite indorerwamo yuzuye ku muryango. Nuko rero, wa mwana muto, yiruka muri cya—cyumba, maze abona undi mwana muto imbere ye. Akana k'agahungu na ko kiruka. Hanyuma rero yatekereje ko agomba guhagarara iminota mike akareba icyo uwo muhungu muto agiye gukora. Amaze guhagarara, umwana muto nawe arahagarara. Ahindukije umutwe, umwana muto ahindukiza umutwe. Azunguje umutwe, umwana muto na we arawuzunguza. Hanyuma, yagera hafi, kugirango akore igenzura neza. Maze arahindukira. Nyina aramureba, na nyirakuru, barumirwa. Ati: “Kubera iki, mama, uriya ni njye.”

<sup>59</sup> Nuko ndavuga nti: “Natwe, dufite ikintu twerekana.” Murareba? Ubuzima bwacu bugira icyo bugaragaza.

<sup>60</sup> Noneho, iyaba twarabayeho mu bihe bya Nowa, ni uruhe ruhande twari guhereramo? Ni uruhe ruhande twari twari guhereramo muri iyo minsi ikomeye Nowa yabayemo? Ni uruhe ruhande twari gufata mu gihe cya Mose? Ni uruhe ruhande mu bihe bya Eliya, umuhanuzi, igihe isi yose yari yarahenengeye mu—mu rusobe rw'i—rw'ibigezweho, nka Yezebeli w'iki gihe, kandi yari yarakuyeho abakozi bose b'Uwiteka mu buryo bw'isi? Itorero n'abapadiri bose baramwunamiye. Wari gufata uruhande rwo gukundwa n'isi, cyangwa wari guhagarara ku ruhande rwa Eliya?

<sup>61</sup> Noneho, mu bihe by’Umwami Yesu, mu gihe dutekereza kuri Uyu muntu udakunzwe n’isi, utarigishijwe n’isi, nta shuri bashoboraga kubona ko yagiyemo, kandi oya—nta n’uburambe bwa seminari. Kandi—hanyuma bazamura izina ry’uko “yavutse bitemewe n’amategeko.” Noneho arasohoka, aza yamamaza Ubutumwa Bwiza bunyuranye n’ikintu cyose bari barigishijwe. Cyane...Kandi twamagane abakozi n’amadini yabo, n’ibindi n’ibindi.

<sup>62</sup> Kandi amadini yari yatanze i—i—itangazo ngo: “Nihagira umuntu uzajya kumva uyu wiyita umuhanuzi, azirukanwa mu isinagogi,” ari cyo—cyaha cyica. Ni ko bagifataga. Gusa uburyo bashoboraga gusenga bwari muni y’amaraso y’intama. Bagombaga kuza muni y’iki gitambo. Kandi—hanyuma bari abirukanywe, kandi cyari ikintu gikomeye.

<sup>63</sup> Kandi Uyu Muntu yirengagije ibintu nk’ibyo. Kandi nyamara yari kumwe rwose n’ibyanditswe Byera, ariko ntabwo byari mu buryo bari babizimo. Ni uruhe ruhanda wari guhereramo? murareba? Noneho, ntukore...Ubuzima bwawe ubayeho ubu, bugaragaza noneho ibyo wari gukora icyo gihe, kubera ko ugifite umwuka umwe. Murareba? Niba ufashe urwo ruhanda nonaha, hamwe nabo, ni nako wari kubikora icyo gihe. Kubera ko, umwuka umwe uri muri wowe ubu ni wo wari mu bantu icyo gihe. Murareba?

<sup>64</sup> Satani ntiyigera ifata umwuka we; agenda gusa ku mugabo umwe ku wundi.

<sup>65</sup> Imana ntizigera ifata Umwuka Wayo, nta na rimwe; kuva kuri umwe ijya ku wundi. Murareba?

<sup>66</sup> Rero, Umwuka w’ukuri wari kuri Eliya waje no kuri Elisha, ni Wo wari no kuri Yohana Umubatiza, n’ibindi.

<sup>67</sup> Umwuka Wera, wari kuri Kristo, uza ku bigishwa, ubamanukiye bose, kandi uracyari ku bantu. Murareba? Imana ntiyigera ifata Umwuka Wayo.

Dore ahasigaye, araduhatira gukora amahitamo.

<sup>68</sup> Nanjye—Sinshobora kubona hano aho Pawulo yicujije ikintu cyose, akavuga ko ababajwe n’uko yari imfungwa. Ariko yarimo yibwira...Nizera ko Pawulo, igihe yandikaga iyi baruwa n’ikaramu, ko Umwuka Wera ari wo wamuteye kwandika ibyo. Ibyo, birashoboka, ndetse no muri iri joro, kugirango dukuremo imirongo y’inyandiko yacu, kugirango twerekane impamvu Pawulo yabikoze. Kubera ko, ni Ibyanditswe Byera, kandi Ibyanditswe Byera ni iby’Iteka. Nizera ko, gushyirwa, muri iyi gereza ishaje, Pawulo yandikiye mugenzi we hano, ko, mwene se, yari “imfungwa ya Yesu Kristo.” Rero, yashoboraga kubigaragaza abonye ibimukikije. Noneho, yari muri gereza, ariko ntabwo ari byo yavugaga, ibi—uyu mugaragu wa Kristo, umukozi hamwe na we. Yavugaga ko yari imbohe y’Ijambo rya Yesu Kristo, ’kuko Kristo ari Jambo.

<sup>69</sup> Kandi Pawulo yari intiti ikomeye mu gihe cye. Yari afite icyifuzo gikomeye. Yari ya—yari u—u—umugabo wari waratojwe hamwe ku . . . kubw’abantu, na mugenzi we witwa Gamaliyeli, wari umwarimu ukomeye w’igihe cye, rimwe mu mashuri akomeye yashoboraga kujyamo. Urugero, nk’uko twavuga, Wheaton, cyangwa Bob Jones, cyangwa ishuri runaka rikomeye. Yari yarigishijwe nku—nku—nk’umukozi wigisha Ijambo. Kandi yari yarize neza, kandi afite ubwenge, ni umuhungu w’umunyabwenge ufite icyifuzo gikomeye cyo wenda umunsi umwe kuba umuvugabutumwa cyangwa umutambyi mukuru ku bantu be.

<sup>70</sup> Yari afite icyifuzo. Hanyuma kugirango ubone, ko, ibyo byifuzo bikomeye yari yaratojwe, kandi yamazwe ubuzima bwe bwose, kuva wenda imyaka hafi umunani cyangwa icumi, kugeza kuri mirongo itatu cyangwa mirongo itatu n’itanu, ubwo yari arangije kaminuza ahawe dipolome; kandi yari afite dipolome zose n’ibintu byose, kandi yahagaze neza hamwe na bese a—abayobozi b’amadini, ndetse no ku mutambyi mukuru i Yeruzalemu. Yari afite amabwiriza kuri we, amategeko ye bwite, yanditse, kandi yiringirwa na Sawuli wari ukomeye, “amanuka i Damasiko asanga abari hepfo bese basenga Imana bitandukanye n’ibyo yavuze, nuko arababoha maze abashyira muri gereza.” Bibaye ngombwa, yari afite itegeko ryo kubica, iyo abishaka. Yari . . . Yari afite icyifuzo gikomeye.

<sup>71</sup> Noneho, ibyo yari yaratoje byose, Imana yari yabimukuyemo byose. Murareba? Kandi intego yari afite, n’icyo se yari yarishyuriye amafaranga ye, n’ibyifuzo bya se na nyina, byose byari byaramwambuwe kuko ibyo—ibyo Imana yari ifite ikindi kintu. Kubw’ibyo, yari imfungwa y’umugambi we yari afite mu buzima, kandi yari yarabayeye imbohe ya Yesu Kristo, We wari Ijambo.

<sup>72</sup> Iyo nzira ijya i Damasiko yahinduye Pawulo. Amanuka, nka saa tanu zuzuye, wenda, ku manywa, ubwo ni bwo yakubiswe. Yumva Ijwi, rivuga riti: “Sawuli, urandenganyiriza iki?” Nuko yubura amaso. Nuko yubuye amaso, kuba yari Umuyahudi, yamenye ko Inkingi y’Umuriro ari Uwitwaga wayoboye Abisiraheli, kuko yari azi Ibyo ari byo.

<sup>73</sup> Wibuke, uyu Muheburayo ntiyari yarigeze agira ikintu na kimwe ahamagara “Umwami,” mu nyuguti nkuru U-m-w-a-m-i, Elohim keretse amaze kunyurwa n’ibyo Ari byo, kuko yari intiti yatojwe. Amaze kubura amaso, abona Ibi, Umucyo, Inkingi y’Umuriro yari yarayoboye ubwoko bwe mu butayu, nuko aravuga ati: “Mwami,” Elohim, inyuguti nkuru U-m-w-a . . . “Mwami, Uri Inde?”

<sup>74</sup> Mbega ugutungurwa kwagombaga kuba kuba kuri uyu munyatewolojiya, kuvuga ati: “Ndi Yesu,” Umwe yarwanyaga cyane. Mbega—mbega impinduka! Yoo! Yoo! Bigomba kuba

byari ibintu biteye ubwoba kuri uyu mugabo, ku buryo ibyifuzo bye byose yari afite, kugirango abigereho, byose icyarimwe, yaratotezaga. Ibyifuzo bye byari byaramugejeje ahantu—ahantu kure cyane y'ibintu nyamukuru yagombaga gukora. Kandi mbega i—ihungabana rikomeye ryabaye, kuri iyi ntumwa, igihe Yavugaga ati: “Ndi Yesu,” umwe yatotezaga cyane. “Kubera iki undenganya?”

<sup>75</sup> Irindi jambo rito dushobora guterera hano. Urabona, mu gihe basebya Itorero, ntabwo rwose baba basebya Itorero, baba basebya Yesu. “Kubera iki undenganya?” Ni gute Pawulo ashobora, n'ubwenge bwe bwose, kwizera ko Iri ryari. . . ko Iri tsinda yatotezaga ari ryo Mana nyayo yavugaga ko akorera? Ntekereza ko ari ibyo, tutiriwe tujya mu buryo burambuye, ngira ngo twese twatojwe neza bihagije kugirango tumenye icyo nshaka kuvuga hano. Ibyo ni byo birimo kubaho uyu muni.

<sup>76</sup> Pawulo, anyuze mu bujiji, byatumye amenya ubwenge busobanutse, ubwenge burenze ubwo Abanyagalilaya batize bamwe yatotezaga, bamwe bicishaga bugufi bakemera uyu Mugabo nk'Umwami. Ariko, Pawulo, mu byigisho bye bikomeye n'ubwenge bwe, ntabwo yashoboraga kubyemera. Mbega impinduka zamubayeho, kuri iyi nzira. Nuko ahindurwa impumyi, bituma adasohozwa inshingano ze, ariko bamujyana ahantu mu muhanda witwa Straight, mu nzu y'umuntu umwe. . .

<sup>77</sup> Noneho aho hepfo hanyura umuhanuzi, witwa Ananiya, wabonye mw'iyerekwa, amanuka, abona aho yari ari, aramanuka ajya aho yari ari, arinjira. Nuko aravugaga ati: “Mwene Data Sawuli, Uwitwaga yakubonekeye ku nzira imanuka; yanyohereje, kugira ngo nkurambikeho ibiganza byanjye, kugirango wakire guhumuka kwawe maze wuzure Umwuka Wera.”

<sup>78</sup> Reba aho yari ari. Mbega i—mbega ikintu kigomba kuba cyarabayeho kuri Pawulo! Urabona? Ibyo yari yaratojwe gukora byose ni byo byamubayeho. Ubu rero, hamwe—n'uburere bwose yari afite, ni—byari bimaze kuba ubusa kuri we.

<sup>79</sup> Noneho, yari azi ko afite uburambe. Hano rero hari irindi somo ryiza kuri twe, ko, uburambe bwonyine ntibuhagije. Bugomba kuba uburambe ukurikije Ijambo ry'Uwitwaga. Noneho, abonye ibi, kandi akamenya ko cyari Ikintu gikomeye, noneho, hakaba hari undi muntu wacyakiriye mbere ye, yafashe imyaka itatu n'amezi atandatu mu—butayu muri Arabiya; gufata—Bibiliya, nk'uko Yari imeze icyo gihe, Isezerano rya Kera, no kumanuka hariya, ku—kugereranya ubunararibonye yari afite, urebe niba Byari Ibyanditswe.

<sup>80</sup> Noneho tuvuge iki niba yaravuze ati: “Ni byiza, ndakeka ko ibyo byari akantu gato kahise,” karakomeza? “Ngi—Ngiye gukurikiza ubwenge bwanjye?”

<sup>81</sup> Noneho, yagombaga gufungirwa ku kintu runaka, imfungwa. Nyuma rero yo kubigereranya, no kubona, nta gitangaje ko ashobora kwandika Igitabo cy'Abaheburayo, mu buryo bumwe. Urabona? Imyaka itatu n'igice ari aho, ahagaze mw'Ijambo, no kumenya ko Imana nyayo yamuhamagaye imusubiza inyuma, kandi igahindura ubwenge bwe bwose, igahindura ibyo yatekerezaga byose, icyo yatorejwe kuba. icyifuzo cye cyose, gusa yakimuhanaguyemo, maze ahinduka imbohe. Urukundo rw'Imana rwari rwinshi cyane, kandi iryo hi—ihishuriwa, ryatumaga adashobora kujya kure yarwo.

<sup>82</sup> Ni bwo burambe nyabwo bwa buri mwizera yawe uhuye n'Imana. Wowe—uza guhura n'ikintu gikomeye cyane, ko wowe. . . ibyo—ko uhinduka i—imfungwa, ku bindi bintu byose. Urabona? Wowe—usohoka mu bintu byose, kugirango wifungire kuri Ibi.

<sup>83</sup> Byerekanwe rimwe aho Yesu yavuze ati: “Ubwami bwo mw'Ijuru ni ikintu kimeze nk'umuntu ugura amasaro. Noneho iyo abonye iryo Saro rikomeye, agurisha andi yari atunze yose, kugirango abone Iryo rikomeye.”

<sup>84</sup> Kandi iyo ni yo nzira hano. Wowe—ufite igitekerezo cy'ubwenge, ufite u—u—uburambe bwa tewolojiya; ariko iyo bigeze mu gihe wowe—ubona rwose Ikintu nyacyo, wowe—ugurisha gusa ibindi byose, kandi ukifungira muri Ibi.

<sup>85</sup> Pawulo yari azi ibyo ari byo. We—yamenye ko hari kintu yaboheweho. Nk'uko dushyira i—i—ifarashi ku murunga, ni ugu—ni ugukurura ikintu. Kandi Pawulo yari azi, nyuma y'ubu bunararibonye, n'imyaka itatu n'igice yo kwandika u—uburambe yagize, hamwe na Bibiliya, yamenye ko Imana yamutoranyije kandi ikamuzirikisha Umwuka Wera, ubunararibonye yari afite, gukururira Ubutumwa bwiza mu banyamahanga. Umwuka, Ubwawo, waramuziritse.

<sup>86</sup> Kandi, uyu muni, nk'abakozi ba Kristo, duhinduka imbohe, turaziritse. Ntidushobora kugenda. Twinjiye muri Ryo, tuziritse kw'Ijambo. Tututaye ku byo undi muntu wese yavuga, tuziritse kuri Ryo. Hariho ikintu cyerekeranye na Ryo, ku buryo udashobora kujya kure yaryo. Wahujwe na Ryo, n'Umwuka Wera, yaguhuje n'Ijambo. Kandi ntiwitaye ku byo undi muntu wese avuga, Ni Ijambo, buri gihe. Yahwanyeye na Ryo, Yishyize mu bumwe na Ryo, mw'Ijambo, kubw'Umwuka, yaraboshywe.

<sup>87</sup> Yari yarigiye i—inyuma y'Ubutayu bw'Abarabu hariya, mu gihe, ibintu bye byose bya kera, n'ubunararibonye, n'ibyifuzo, ibyo, yari yariyambuye ibyo bintu.

<sup>88</sup> Noneho, ni ho dusanga, uyu muni, tugomba kwamburwa, mbere. Kandi abantu ntibashaka kwamburwa. Mwene Data w'Umumetodisite arashaka kwihagararaho gato kubyo yigisha bya Metodisite. Uh—huh. Mwene Data w'Ababatisita arashaka gukomera ku nyigisho ze z'Ababatisita. Murareba? Ariko

ugomba kwamburwa rwose ibintu byose, hanyuma ukavuka ubwa kabiri, bundi bushya. Kandi rekera aho, reka Umwuka Wera ayobore. Ntushobora kuvuga uti: “Ni byiza, noneho, data—data yaravuze ngo, ubwo yinjiraga, ubwo yinjira mu rusengero, yahanye ikiganza na pasiteri. We, ni umunyamuryango mwiza wizerwa.” Ibyo bishobora kuba byari byiza ku bwoko bwe, ariko turi irindi shyamba. Murareba? Noneho tugomba kugaruka mu bihe bya Bibiliya kuri uyu muni.

<sup>89</sup> Abapadiri na bo barakoreshwaga. Ariko, urabona, bari baje mu kindi gisekuruza, na bo ba—bananiwe kwiya mbura ibikoresho byabo bishaje ngo bashyireho ibikoresho byo kuzirika bishya.

<sup>90</sup> Kandi ni cyo cya kintu kimwe tubona uyu muni. Twanyuze mu gisekuruza cy’amadini, nk’uko twabigaragaje mu gisekuruza cy’itorero, Bibiliya, ndetse n’ibindi, ariko ubu tugeze mu gisekuruza cy’ubuntu, aho Umwuka Wera Ubwe yamanutse akigaragaza Ubwe, kandi yimenyekanisha, atanga amasezerano yose We yasezeranije, asohora. Oh, icyubahiro kibe icy’Imana! Mbega ibihe byiza!

<sup>91</sup> Kandi yari azi ko, ikindi kintu, yari azi ni uko atashoboraga kujya ahantu, ko, gukoreshwa kuri Ibi, ko atashoboye... ko yabikoze, ariko nyamara yashakaga kugenda. Yari azi ko icyifuzo cy’e cyamukururiye muri bene Data aho yari yatumiwe kuza, kandi nyamara yahatiwe n’Umwuka gukora ikindi kintu. Ntiyari uwe.

<sup>92</sup> Ahari umuntu ashobora kuvuga ati: “Mwene Data Sawuli, Mwene Data Pawulo, turashaka ko uza hano, kuko twabonye itorero rinini. Twabonye itorero rinini. Amaturo yawe azaba meza, n’ibindi n’ibindi.”

<sup>93</sup> Ariko guhatirwa mu Mwuka, yaratekereje ati: “Nabonye mwene Data hariya. Ndashaka gutambuka ngakiza uyu mwene Data, nkamugeza ku Uwitaka.” Ariko, nyamara, Umwuka yamuhatiye kujya ahandi. Yari imbohe. Ni byo.

<sup>94</sup> Mana, duhindure nk’izo imbohe, duhereye ku byifuzo byacu byo kwikunda, kandi duhereye ku manza zacu bwite hamwe n’uburyo bwiza bwo gutekereza, kuba imbohe ya Yesu Kristo. Ntekereza ko ayo yari amagambo akomeye, ngo: “Ndi imbohe ya Yesu Kristo.”

<sup>95</sup> Kandi mwibuke, Ni Ijambo. Murabona? Ntitaye ku cyo undi wese atekereza, ni Ijambo. Murabona? Niba muri imbohe y’Ijambo, nta dini rishobora kubahindura. Ni—ni Ijambo. Uri gusa... Uri imfungwa kuri Ryo, ni ibyo. Ugomba gukora uko Rikora.

<sup>96</sup> Noneho, ntabwo yashoboraga kujya ahantu runaka yashakaga, kuko (kubera iki?) Umwuka yamubujije. Urubuka, inshuro nyinshi, iyo Pawulo yageragezaga kujya ahantu runaka, yaratekerezagaga ati: “Hari ahantu nakwitabira inama

ikomeye,” ariko Umwuka yagombaga kumubuza. Noneho, ibyo se birabivuga neza kandi bigahamya ko Pawulo yari imbohe? Imfungwa kuri Yesu Kristo, iboheye kw’Ijambo Rye, n’Umwuka! Yoo! Ibyo ndabikunda. Uh-huh.

<sup>97</sup> Yarahambiriwe. Yaboheshejwe umunyururu, n’imirunga y’urukundo, gukora ibyo Imana ishaka, ibyo gusa. Yari imbohe. Yari mu ngoyi z’urukundo. Yari aziritswe kuri Kristo. Nta kindi yashoboraga kuzirikanwa nacyo. Yazirikanwe na We. Kandi aho Umuyobozi yajyaga, ni ho yagombaga kujya. Hatitawe ku kuntu urwuri rwari icyatsi kibisi, hano kuri *uru* ruhande cyangwa kuri *ruriya* ruhande, yagombaga kunyura mu nzira Umuyobozi yanyuzemo n’umurunga.

<sup>98</sup> Yoo, iri joro, niba twe, nk’Urusengero rwa Branham, twashoboraga kuba imfungwa gusa; ku mibereho yacu bwite yo kwikunda, ku cyifuzo cyacu, kugira ngo dushobore kwiyibagirwa byimazeyo maze duhambiranwe na We. Tutitaye ku cyo indi si yose itekereza, icyo ndi isi yose ikora, twazirikishijwe iminyururu y’urukundo, turi imfungwa. “Ibirenge byanjye biziritswe kuri Kristo, ntabwo bizabyina. Amaso yanjye aziritswe kuri Kristo, kugeza igihe mbo, iyo mbonye abo babyinnyi bagezweho biyambitse ubusa ku muhanda, bindya mu mutwe. Umu—umutima wanjye ni uko wazirikishijwe urukundo kuri We, kugeza ubwo ntashobora kugira urukundo rw’iyi si. Ubushake bwanjye buziritswe kuri We, kugeza ubwo ntakimenya ibyifuzo byanjye ibyo ari byo. Gusa, ‘Aho uzerekeza hose, nzagukurikira, Mwami.’ Nzaba imbohe.” Urabona?

<sup>99</sup> Pawulo yari imfungwa neza. Ntabwo yigeraga avuga amagambo mabi. Yatojwe n’Umwuka Wera, na none, gutegerereza kw’Ijambo. Noneho, yari yaratojwe inzira imwe, ariko—ariko Imana yari yaramutoje ubundi buryo. Yatojwe n’Umwuka Wera gutegerereza Umwami, atitaye ku byifuzo bye uko yaba yifuza kose.

<sup>100</sup> Noneho ngiye, mfashijwe n’Umwuka Wera, kubereka ikintu. Murabona? Noneho mureke dufate urugero.

<sup>101</sup> Umunsi umwe, Pawulo na Sila, bamanutse mu muhanda mu mujyi runaka aho bari bakoreye ububyutse. Nuko umukobwa muto, yari yaziritswe n’amadayimoni akomeje kumukurikira, atakira muri we. Kandi nta gushidikanya ko icyo Pawulo yari azi ni uko yari afite ubutware, nk’intumwa, bwo gucyaha uwo mwuka mubi ukava muri uwo mugore. Ariko se mwitegereje neza? Yarategereje, umunsi ku wundi, kugeza ubwo, mu buryo butunguranye, Umwuka Wera wavugiye muri we ati: “Iyi ni yo saha.”

<sup>102</sup> Nuko aravuga ati: “Wowe mwuka, sohoka muri we.” Urabona? Yamenye gutegerereza Uwitaka.

103 Kandi aho ni ho abantu benshi cyane muri iki gihe bahabanya n'Ijambo. Basohokana icyifuzo. Ni ububuyutse bungahe bwaretsewe kubera ikintu nk'icyo, kubera ko umubwiriza adategereza ngo abanze abone icyo Uwitete ashaka kuvuga! Bamwe muri bo baravuga bati: "Ngwino hano," nuko nabo ba—bakagenda ako kanya kuko i—ishyirahamwe ryavuze riti: "Genda." Kandi Umwuka Wera yavugaga ikindi kintu gitandukanye. Nyamara, icyifuzo cy'umuntu cyo kuba ukuriye leta, cyangwa—cyangwa ikindi kintu, cyangwa umusaza, cyangwa umwepisikopi, cyangwa ikindi kintu—cyamukurura, "Ugomba kugenda." Kandi, ubwo, aba abizi neza. Umwuka Wera akavugaga ati: "Nyura *hano*." Murabona? Yiziritse ku idini rye. Ni imfungwa y'idini.

104 Ariko iyaba yariziritse kuri Kristo, ayobowe n'Umwuka Wera. We...?. . . Urabona? We, araziritse, ni imfungwa. Ntugire icyo uhindura ku byo ikindi kintu cyose kivugaga; ni—ni i—ni i—ikondera rivugaga n'inzogera zirangurura. Yumva Ijwi ry'Imana gusa, kandi avugaga gusa iyo risohotse. Araceceka.

105 Umuntu umwe aravugaga ati: "Yoo, yoo, Mwene Data Jones!" Cyangwa, ngaho, Mwene Data Roberts, cyangwa bamwe, aba bantu bakomeye mu gihugu cyacu uyu muni, nka Tommy Hicks, cyangwa—cyangwa—cyangwa Oral Roberts, cyangwa—cyangwa Mwene Data Tommy Osborn, bamwe muri abo bavugabutumwa bakomeye. Niba hari umuntu wavugaga ati: "Akavugaga ngo, ngwino hano, Tommy. Uri umuntu ukomeye w'Imana." (Cyangwa Oral.) "Kandi na—Nabonye nyi—nyirarume aryamye hano, ibyo—ibyo byose biramuhambiriye. Kandi ara—ararwaye. Ndashaka ko uza. Nizera ko ufite imbaraga zo kumukiza." Urabona?

Kandi birashoboka ko Umwuka Wera yamubwirira ati: "Ntabwo ari ubu."

106 Ariko, nyamara, ku bucuti bw'uwo mugabo, inshingano ze zimutegeka kugendana na we. Niba atabishoboye, ahinduka umwanzi w'uriya mugabo. Uwo mugabo aravugaga ati: "Ni byiza, yagiye *gutya-na-gutya*, gukiza uriya mwana cyangwa uriya muhungu. Nzi ko yabikoze. Kandi nari inshuti ye, imyaka, reba, kandi ntabwo yari kuza iwanjye."

107 Ariko niba ategereye n'Umwuka Wera kutagenda, ibyiza ni ukutagenda, niba yariziritse ku Mana. Inshuti ye, akunda. Ariko ni byiza ko ayoborwa n'Umwuka Wera kugira ngo ajyeye, kuko ntacyo bitwaye, uko byagenda kose. Narabyiboneye inshuro nyinshi.

108 Ariko Pawulo yategereje gusa Umwuka amubwirira icyo gukora. "Tegereza Umwuka," ni ko yavuze. Yahagaze ijoro rimwe, abwiriza, agendagenda aho, abona umuntu wamugaye. Ako kanya, Umwuka aramuvugisha, aravugaga ati: "Ndabyumva..." Ni gute? Nk'uko yabonaga bagiye kwangirika, ku kirwa. Urabona? "Ndumva ko ufite kwizera



gukira. Haguruka ku birenge byawe. Yesu Kristo yagukijije.” Urabona? Urahari. We—yari—yaraziritswe. Hashobora kuba hari hashize icyumweru cy’ububyutse kandi nta kintu cyabaye, ariko nyamara yategereje ko Umwuka Wera avuga. Murabona? Yaziritswe kuri ubwo bujire.

<sup>109</sup> Noneho mwavuga muti: “Mwene Data Branham, uramagana ibyo wavuze ku Cyumweru, ku byerekeye gutegereza iki gihe cyose.”

<sup>110</sup> Kandi, ariko, uribuka, Umwuka Wera ni wo wambwiye ndi hariya mu nzira, ati: “Ndagusubiza inyuma mu barwayi n’abababaye.” Urabona? Ni ukumvira Umwuka Wera. Ni byo. Ntabwo nagiyе kugeza igihe Ambwiye ngo mbikore. Nari ntegereje UKU NI KO UWITEKA AVUZE, kugeza mbonye UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Noneho, ibyo biratandukanye. Urabona? Noneho, Urabibona, Ibyo bigira itandukaniro. Yego.

<sup>111</sup> Yategereje Ijambo ry’Uwiteka. Yasunikiwe mu Mwuka, gukora ibyo Imana yategetse gusa, noneho aba imbohe ya Yesu Kristo. Nshuti, iyaba twashoboraga kuba imbohe gusa!

<sup>112</sup> Nzi ko bishyushye. Ariko na—Ndashaka kuvuga amazina y’inyuguti ebyiri, niba mubishaka. Mfite hafi inyandiko zigera kuri esheshatu cyangwa umunani nanditse hano. Ariko na—nashakaga kuvuga iyindi mico cyangwa ibiri.

<sup>113</sup> Reka dufate imico ya Mose. Yavutse ari umutabazi. Kandi ya—ya—yari azi ko, ko yavutse ari umutabazi.

<sup>114</sup> Ariko mbere yo kuvuga ibya Mose, ndashaka kuvuga aya magambo, ko, Imana igomba buri gihe gufata umuntu uwo ari we wese, uzayikorera by’ukuri, kugira ngo ayibere imbohe. Umuntu agomba kwirengangiza ibyifuzo byose afite, icyo yaba ari cyo cyose, buri—buri kintu, ubuzima bwe, ubugingo, umubiri, ubushake, ibyifuzo, n’ibindi byose, hanyuma ube imfungwa yuzuye, imfungwa ya Kristo, Ari We Jambo, gukorera Imana.

<sup>115</sup> Ushobora kugenda unyuranyije n’ubushishozi bwawe bwiza. Ahari, mw’idini runaka, ushobora gutekereza ko bashobora kuguterura bakaguha ikintu gikomeye, kugirango ubashe gutanga urumuri. Ariko wowe ubwawe usangayo iki? Ugasanga wowe ubwawe watsinzwe, nyuma y’igihe gito, kugeza igihe Imana ishobora kubona umuntu witeguye kuyibera imbohe.

<sup>116</sup> Imana irashaka imbohe. Buri gihe ni ko ikora. Ushobora kubishakisha ukoreshaje Ibyanditswe. Umuntu agomba kuba imbohe kuri Kristo, kurwanya ikintu icyo ari cyo cyose. Kubw’ibyo, ntushobora guhuzwa n’ibindi byose uretse Kristo; ndetse na so, nyoko, murumuna wawe, mushiki wawe, umugabo wawe, umugore wawe, umuntu wese. Uhujwe na Kristo gusa, kandi na We wenyine, noneho Imana iba ishobora kugukoresha. Kugeza icyo gihe, ntushobora.

<sup>117</sup> Gusohoka, rimwe na rimwe bivugisha abantu nabi. Urabona? Nda—Ndagerageza kugupfobya. Ugomba kugira ahantu utangirira, nk’igihe kimwe ugahamagara abagore bogosha umusatsi kandi bambaye iyi myenda, nuko bagakomeza umwuga wabo wa Gikristo. Bakavuga bati: “Icyo ni ikintu gito.” Ni byiza, ugomba gutangirira ahantu runaka. Tangira rero aho ngaho, hamwe na ABC yawe. Urabona? Kandi ugabanye isura y’isi, uko byagenda kose, hanyuma ube imbohe ya Kristo. Noneho komeza gusa, gabanya ibintu byose, kugeza ubwo amaherezo umurungo wa nyuma uciwe. Noneho uri—uri—uri imbohe noneho, ukibona mu maboko Ye, We—Yakwifatiye mu maboko ye.

<sup>118</sup> Noneho, Mose yari azi ko yavutse ari umutabazi. Yari abizi. Kandi wabonye, hamwe n’icyifuzo Mose yari afite; azi ko nyina yari yaramubwiriye hariya, nk’uko yari umuforomo we.

<sup>119</sup> Nta gushidikanya, igihe Mose umwana muto yavukaga, nyina yaravuze ati: “Urabizi, Mose, igihe. . . Papa wawe, Amram, narasengaga buri kanya. Twari tuzi, kandi bigaragara mu Ijambo, cyari igihe kigeze cyo kuza k’umutabazi. Twarasenze tuti: ‘Mwami Mana, turashaka kubona uwo mutabazi.’ Ijoro rimwe, Uwitwaga yaratubwiye, mu iyerekwa, ko uzavuka, kandi ko uzaba umutabazi. Ntabwo twatinye itegeko ry’umwami. Ntabwo twitaye ku byo umwami yavuze. Ubwo, twamenye ko wavutse uri umutabazi. Noneho, Mose, twari tuzi ko tudashobora kukurera neza.”

<sup>120</sup> Noneho ibuka, bari bari hepfo aho, bamaze imyaka magana ane muri Egiputa. Urabona?

<sup>121</sup> “Natwe twa—twashakaga kubona i—ikintu cyiza, uburere bukwiye, amahugurwa akwiye. Noneho, naragutwaye ngushyira mu nkuge ntoya, maze nkujyana muri Nili. Mbega ibintu bidasanzwe ukuntu umuraba, watembanye iyo nkuge ntoya mu miseke no mu rubingo, ukayimanura epfo, ku bilometero byinshi, hanyuma ukayerekeza ku ngoro ya Farawo, aho u. . . Umukobwa wa Farawo yari ari, aho yogeraga. Kandi uburyo nari—nari nzi ko akeneye umugore wo kukurera.”

<sup>122</sup> Kandi muri icyo gihe, byanze bikunze, ntabwo bari bafite izo nkongoro zo kurera abana, yagombaga rero kugira u—umuntu wo kumwitaho. Noneho. . .

<sup>123</sup> “Kandi, Miriyamu, naramwohereje. Ahagarara aho, maze aravuga ati: ‘Nzi aho nshobora kubona umuntu wo kumurera,’ nuko aza kunshaka. Kandi, Mose, inzugi zose zarafunzwe. Mukundwa, ufite imyaka cumi n’itandatu ubungubu, kandi uzaba umuhungu wa Farawo. Kandi umunsi umwe uzaba umucunguzi ugiye kuzakura abantu hano.”

<sup>124</sup> Ibyifuzo bya Mose bitangira gukura. “Nziga, mama. Nziga ibyo nshoboye byose. Uzi icyo nzakora? Nziga uburyo bwo kuba umusirikare, kandi nzamenya uburyo nzavana aba

bantu hano. Nzaba umujenerali ukomeye, umuyobozi mukuru w'idini, kugeza igihe menye uko bikorwa. Kandi nzabikora—Nzabakuramo. Nzahabwa impamyabushobozi yanaye y'ikirenga muri Filozofia Ph.D cyangwa mu ndimi LL. Nza—Nzabikora.”

125 Nka “Padiri Chiniquy,” niba warigeze gusoma ibitabo bye. Ni byo. Arimo “kujya gucungura Abaporotestanti bose,” urabizi, kandi ahinduka umwe, we ubwe. Noneho, uyu mupadiri ukomeye, mu myaka yashize, “Padiri Chiniquy,” ugomba kubona igitabo cye ukagisoma. Baramuhamagara bati, “papa.” Ni umvandimwe Chiniquy gusa, ni ko byari bimeze. Nta muntu n'umwe dukwiriye kwita “papa,” nka guryo. Turabona—ko twe... We yagiye gusoma Bibiliya, bityo yashoboraga gushoka akanyomoza idini ry'Abaporotesitanti akabahindura Abagatolika bose. Amaze gusoma Bibiliya, Umwuka Wera amugeraho, abona Umwuka Wera, hanyuma—noneho ahinduka umwe muri bo.

126 Noneho rero menya ibi, ko Mose yabonye imyitozo yose. Kubera ko, we—yari abizi. Yari umunyabwenge cyane, yari yarize cyane, afite ubwenge! Kugeza ubwo, nta muntu n'umwe... We yashoboraga no kwigisha Abanyamisiri. Kugeza ubwo, yashoboraga kwigisha abahanga babo mu bumenyi nyamuntu. Yashoboraga kwigisha ibyabo—abajenerali babo abasirikare abo ari bo bose. Yari umuntu ukomeye. Abantu batinyaga Mose, kubera ubuhangange bwe. Yoo, buruse nk'iyi! Mbega! Yari umuyobozi w'idini mukuru, cyangwa wenda nka papa. Yari umuntu ukomeye. Kandi yari u—u—umuntu ukomeye. Kandi yari azi ko yavukiye gukora ibi, kandi yatojwe, abishaka cyane, kubigeraho.

127 Nk'uyu muni. Simvuze ko abagabo, baherewe imyitozo muri aya mashuri, si ko mvuze... Nk'uko bari, hanze hano mu Burengerazuba, nonaha, bagiye kubaka amashuri ya tewolojiya afite agaciro ka miliyoni ijana na mirongo itanu, Murareba, Pentekote, umuhi-... ishuri rifite agaciro ka miliyoni ijana na mirongo itanu z'amadorari. Kuri njye, ibyo bigomba kuba iby'abamisiyoneri bari mu murimo. Murareba? Murareba? Murareba? Ariko, ibyo ari byo byose, bakora iki iyo basohotse? Ni iki? Itsinda ry'aba Rickys. Ni byo rwose. Uko ni ko basohoka. Buri gihe rifite, bamwe muri bo basigaye, kandi uwo ni wo murongo umwe. Urabona?

128 Noneho tumenye, ko, igihe, Mose, yari mu mahugurwa ye yose, kandi uyu muni, hamwe n'amahugurwa yose, gushyiraho abayobozi b'idini bakomeye n'ibindi, icyifuzo gikomeye, icyifuzo kinini, tuzakora iki? Ibyifuzo byacu bihinduka nk'uko Mose yari ameze. Murareba?

129 Imana, mbere yuko ifata uwo mugabo mu biganza Byayo, Yagombaga kumwambura icyifuzo cye. Yagombaga

kumwambura ubumenyi bwose yavanye mu mahugurwa atandukanye.

<sup>130</sup> Arasohoka, maze aracungura; yica Umunyegiputa. Na we, amaze kubikora, amenya ko yakosheje. Ntiyagombaga kubikora. Si ko yagombaga kubigenza. Imana yagombaga kumujoyana mu misozi, mu butayu, mu butayu, ahantu h'ubutayu.

<sup>131</sup> Murabona, ubwoko budasanze, ni gute abo bavandimwe, abo Imana yari ibafitiye ubutumwa, yabajyanye mu butayu.

<sup>132</sup> Yajyanye Pawulo mu butayu, kumutoza, kumubwira iryo yerekwa rikomeye icyo ari cyo, iramusohora imujyana mu butayu. "Sohoka ujye mu butayu runaka." Kandi yagumyeyo kugeza igihe Imana imenyekanishije bihagije icyo gukora.

<sup>133</sup> Igihe cya Mose, Yamujyanye mu butayu. Imugumishayo imyaka mirongo ine, imukuramo tewolojiya ye yose n'ibyifuzo bye byose. Yoo, mbega igihe, ubwo yabashaga gusubiza amaso inyuma akabona gutsindwa kwe. N'uburyo twebwe, iri joro, dukwiye gukora gutyo, mu gihe tubonye ibyi—ibyifuzo byacu.

<sup>134</sup> Murebe cya giterane cyo gukiza indwara, murebe niba Umwami hari icyo yakoze mu myaka mike ishize, gutangira kugarura ugukiza ku barwayi, n'ibindi nk'ibyo.

<sup>135</sup> Umuntu wese, buri dini, ni ukubera ko kutageze mw'idini ryabo, bagombaga kubashakira umuntu ukiza. Twakoze iki? Reka turebirebeho akanya gato. Twakoze ikintu nk'icyo Mose yakoze. Twaragiye tugerageza bigoranye guhimba igisa n'igitangaza. "Numvise indwara. Na—na—Nabonye amaraso mu biganza," no gukora igitangaza. Murareba? Kandi se twabonye iki? Bamwe mu bagabo bafite ibibazo nk'ibi, baratandukana bagahinduka abasinzi basanze, abanyamujyana, kandi bafite ubwenge, kandi bahinduye inzira yose isubira inyuma, gahunda iva ku ntego ya pentekote, bongeye gukora amashyirahamwe n'ibintu nk'ibyo. Murareba?

<sup>136</sup> Twakoze iki? Twashyize hafi Umunyamisiri. Ni byo. Kandi twaragerageje. Twarahangayitse. Twarishyuye. Twarakoze cyane, tugenda ijoro ryose mu materaniro y'amasengesho, kugeza ubwo nta jwi twumvise. Kandi—hanyuma tugerageza gukora ikintu, tugihindura isupu, n'ubwoko bwose bw'ibintu, ugasanga ari ukunanirwa rwose. Dukeneye gusubira mu butayu. Ni byo. Yego Mugenzi. Kumenagura no kurwana. Kubera iki utabyihorera? Ni byo ugomba gukora, murareba, gusubira inyuma ukabyihorera. Kubera iki, twakoze ikintu kimwe bakoze, ikintu kimwe nk'icyo Mose yakoze. Ibyo ntacyo bivuze. Nyuma y'imyaka mirongo ine, yisanze ari imbohe y'Ijambo ry'Imana. Turimo kugerageza gukora iki?

<sup>137</sup> Ubwo, Umugisha ukomeye uzagaragara, ndetse no kwigaragaza kw'ibi bintu byose bikomeye Imana yatubwiye: uburyo tugomba kuvuka ubwa kabiri; n'uburyo tugomba

kwakira Umwuka Wera; umubatizo mu Izina rya Yesu Kristo; ndetse n'ibyo bintu byose hano.

<sup>138</sup> Urabona, abantu, aho kuguma kuri iryo Jambo, bakoreshije, mbese bakora iki? Batangiranye n'ibitekerezo byabo bwite, byari bimaze kunanirwa, hanyuma bagerageze gukora ikintu gisa nk'ukuri.

<sup>139</sup> Ni byiza guca aho ngaho. Murareba? Nzi neza ko muri abanyabwenge bihagije kugira ngo mumenye icyo nshaka kuvuga. Murabyumva? Ariko, kubera iki, nimurebe ibyo byakozwe. Mubitekerezeho.

<sup>140</sup> Twabonye iki, iri joro? ariko i—i—ishyanga ryuzuye abantu bafite gahunda: bahakana Ibyanditswe by'Imana; ninde wakwita u—u—ubuzima bw'Umwuka Wera, ngo, “Byari i—ibiyumvayumvo gusa”; ni nde wabuza abo bantu akanga kwinjira mu itorerero ryabo; kandi ntibakwemerera kuvuga Ijambo rimwe ku bijyanye n'urubyaro rw'inzoka, ikiruhuko cy'Iteka, n'ibintu Umwuka Wera yahishuye kandi yerekanye ko ari Ijambo. Nagize ikiganiro mpaka ku kindi, kugira ngo nze banyereke ko haraho nibeshye.

<sup>141</sup> Babonye iki? Ikintu kimwe nk'icyo Luteri yari afite, abasigaye muri bo, murareba, bishe Umwegiuta. Ni iki kigomba... Ni iki? Birashoboka ko yatumye umuntu atangira... kureka kwiba, cyangwa wenda kubaho mu kuri ku mugore we. Ariko se wamumarishije iki? Wamugize umwe mu bagize itorerero. “Ngwino winjire mu itsinda ryacu.” Murareba?

<sup>142</sup> Uwo muntu wapfuye arimo kunuka byari ikintu yashoboraga gutunga urutoki, rwo kunesha kwe, akomora ku myaka mirongo ine yamaze mu mahugurwa; Umunyamisiri unuka aryamye aho, yaboze kandi yapfuye.

<sup>143</sup> Ibyo bijyanye n'uburyo bimeze muri iri joro. Gusa ikintu dushobora kwerekana, kuri ubu bubyutse bukataje (ni ko babyita), ni agatsiko kanuka k'abayobo b'itorero batazi ibyerekeye Imana nk'Umuhotanto utazi ijoro ryo muri Egipta. Nibyo. Ibyo, byababwira ibyerekeye Ijambo ry'Imana, baravuga bati: “Ntabwo nemera Ibyo.” Bakavuga bati: “Ntabwo nitaye ku byo uvuga, simbyemera.” Murareba? Murareba? Ni ikintu gikomeye cyo kwitabwaho tugasubira inyuma, ku bibazo byose hamwe n'intambara n'ibindi bintu byose twabonye.

<sup>144</sup> Ahari dushobora kwerekana ishuri rinini, ariko ryarapfuye. Dushobora kwerekana ishyirahamwe, ariko na ryo ryarapfuye. Biranuka. Bimeze nk'ahantu ha mbere aho twavuye. “Ni nk'uko ingurube yivuruguta mu cyondo, n'imbwa nayo igasubira ku birutsi byayo,” iyo dusubiye inyuma. Umunyamisiri umwe Yarapfuye.

<sup>145</sup> Nta gushidikanya ariko hari uwabivuze ati: “Mose, erega, nta n'ubwo ikitaye ku bantu? Wahamagariwe gukora ibi.” Umuntu

wari uzi Mose, kandi akamenya ko yahamagariwe ibyo. “Kandi ntukore . . . Watakaje ibyiyumvo by’abantu?”

“Oya, mugenzi.”

<sup>146</sup> “Ni byiza, kuki utasohoka, hejuru, ukora *ibi*? Ese ni ukubera iki utari hano, ugerageza *ibi*? Kandi kuki utajyana n’abandi basigaye?”

<sup>147</sup> Mose yari hanze arimo mkwiyambura imyambaro, kugeza ubwo agiriye ubunararibonye ku gihuru cyaka, cyavugaga Ijambo. “NDI Imana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Kandi nibutse amasezerano Yanjye. Kandi namanutse kubabohora. Nkohereje kubikora.” Ni byo.

<sup>148</sup> Yabonye Ijambo, ntabwo ari ibyifuzo by’abaturage cyangwa ibyifuzo by’abantu. Yabaye iki? Ntiyashakaga kongera guhangana n’Abanyegiputa. Ntiyashakaga guhangana n’ikintu icyo ari cyo cyose. Ariko ahinduka imbohe. Amina. Imyaka mirongo ine y’uburetwa, yo kwiyambura, ariko nyamara ahinduka imbohe, ku gihuru cyaka umuriro, umunyembaraga Mose n’ubwenge bwe bwose. Bibiliya ivuga ko Mose yari umuntu ukomeye mu magambo cyangwa mu bikorwa, muri Egiputa.

<sup>149</sup> Ariko reba ibyo umuhanga mu bya tewolojiya ukomeye yakoze imbere y’igihuru cyaka umuriro. Gusa yemeye ko adashoboye. Amaze kubona umugambi nyawo w’Imana, yemeye ko adashoboye kubikora. Nyamara, yatojwe muri tewolojiya yose bashoboraga kumuha, yatorejwe mu mashuri yabo meza. Ariko, nyamara, yashoboraga gukora iki mu gihe we . . . iyo Nkingi y’umuriro yari imanitse hariya mu gihuru? Aravuga ati: “Sinshobora no kuvuga. Um-hum. Mwami, Ndi nde, ngo ngende?” Murareba?

<sup>150</sup> “Kuramo inkweto, Mose. Ndashaka kuvugana nawe. Rambarara hasi, ndetse n’inkweto zawe. Urimo—urambaraye hasi. Ndashaka kuvugana nawe.”

<sup>151</sup> Ntushobora no kuvuga. Hanyuma, imfungwa yatoranijwe, umuhanuzi watoranijwe, nk’uko Pawulo yatoranijwe. Mose yaratoranijwe, umukiza. Hanyuma, amaherezo, Imana yitoranirije imfungwa yayo. Yoo, haleluya! Yashoboraga kugenda gusa nk’uko Ijambo ry’Imana ryamuhinduye. “Ndavuga ko ari nde wanyohereje?”

“NDIHO.”

“Nzabigenza nte?”

“Nzaba ndi kumwe nawe.”

<sup>152</sup> “Yego, Mwami, nk’uko ubivuze. Ndi hano.” Oh, imana ihabwe icyubahiro! Ibyo, ni ukuba imfungwa.

<sup>153</sup> Yanyuranyije n’ibitekerezo bye byiza. Noneho, yari yaratojwe kuyobora ingabo. “Inkota, hejuru! Mu maso he!” Yatojwe kugenda, “Amagare, yose uko yakabaye! Amacumu,

imbere! Biteguye!” N’uburyo agiye kubifata. Iyo yari imyitoto ye.

Ariko yaravuze ati: “Ni iki ngiye gukoresha?”

Ati: “Ni iki ufite mu ntoki zawe?”

<sup>154</sup> “Inkoni.” Imana ikora ibintu bisekeje rimwe na rimwe, mu bitekerezo by’abantu. Murareba? Afite inkoni mu ntoki ze. Ubwanwa butendera. Imyaka mirongo inani. Umugore we yicaye ku nyumbu; umwana amukikiye ku kibero. Amaboko ye mato, ashaje amanitse; inkoni. Gusa umutwe we ureba hejuru, kuko yari afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Kubera iki? Amaherezo yari yarahagaritswe.

<sup>155</sup> Yari imbohe. “Nzagenda gusa iyo Ijambo rinsunitse. Nzavuga gusa aho Ijambo rivuga.”

“Urajya he?”

<sup>156</sup> “Nahawe komisiyo imwe: yo guhagarara imbere ya Farawo ngo mwereke, nkoresheje iyi nkoni, ko Imana yanyohereje.” Amina.

“Ni iki ugiye gukora nyuma y’ibyo?”

“Azatanga igikurikira, nyuma yo gukora ibi.”

<sup>157</sup> Urahari. Ufite ikintu kimwe gusa cyo gukora, ku ntambwe ya mbere, iri joro: mwiyezurire, ube imfungwa. Ntutekereze wenyine cyangwa ikindi kintu. Ba imbohe.

<sup>158</sup> Mose yabaye imfungwa, yiyemerera ko adashobora no kuvuga. Hanyuma, igihe Imana yamushyize mu maboko Yayo, aho yashoboraga kwimuka gusa aho Imana yamukuye. Aho, yamubwiriye Ijambo. Yari azi ko ari Jambo, noneho yiyegurira Ijambo. Kandi Umwuka Wera ahongaho, Imana, yakoresheje Mose ku bushake bw’Imana.

<sup>159</sup> Ni cyo kintu kimwe yakoreye Pawulo. Ibyo ni ukuri? Yakoresheje Pawulo; muto, w’izuru rigoranye, Umuyahudi usebanya, yewe, ufite impamyabushobozi y’ikirenga muri Filosofiya Ph.D. na no mu ndimi LL.D.’s zimwanditseho. Ariko yaravuze ati: “Ngiye kumwerekera uko azababara kubw’Ijambo.” Murareba? Na we. . .

<sup>160</sup> Hanyuma, Pawulo yicaye aho abona Ijambo, abona ko ari Yesu, noneho arambura amaboko maze aba imbohe kuri we. Urukundo rw’Imana rwamubohereye ku Ijambo. “Agiye kwitwa Izina ryanjye imbere y’abanyamahanga.” Nuko ajyayo.

<sup>161</sup> “Mose, NDI Imana ya ba sogokuruza. NDI Imana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Ndibuka ko nabasezeranije, kandi igihe cy’amasezerano kiregereje. Kandi ndabona imibabaro y’ubwoko bwanjye. Ndibuka amasezerano yanjye. Kandi ndamanutse kugukoresha. Uzi icyo Ijambo rivuga. Noneho, nakwifashishije ngo umanuke hariya, nkoresheje imbaraga, ngo umanuke hariya ubohore ubwoko bwanjye. Nuko

rero fata iyo nkoni mu ntoki zawe, nk'umuhama, 'kubera ko wabonye igitangaza cyakozwe na yo." Kimwe na Dawidi, hamwe n'ikondera. Murareba?

<sup>162</sup> Imbohe, we ubwe, aramanuka. Hanyuma, Imana yari ifite umuntu wayumviraga, akayikoresha, kandi ntashobora kugenda kugeza igihe Ijambo ry'Imana rimwimuye. Niba abantu babikoraga gusa, uyu muni! Noneho, yari imfungwa Ye, imfungwa y'urukundo, yiziritse mu bucuti bw'urukundo, hamwe—hamwe n'Imana, nk'uko Pawulo yari ahambiriwe mu rukundo rw'Imana.

<sup>163</sup> Kimwe na Pawulo, bombi batojwe kimwe. Mose yatojwe, kurokora abana ba Isiraheli mu mbaraga za gisirikare. Pawulo yatojwe kubakura mu maboko y'Abaroma arababohora, n'imbaraga ze zikomeye za kiliziya ku isi muri icyo gihe. Amashuri akomeye yo guhugura, yakuriye muni y'ubushobozi bwa Gamaliyeli.

<sup>164</sup> Bombi baja mu butayu, um-hum; bagaruka bahindutse. Bombi babonye Inkingi y'Umuriro. Bombi bari abahanuzi. Si ko bimeze? Bombi, bari abahanuzi. Kandi bombi bavuganye n'Inkingi y'Umuriro, ni byo rwose, baje kurokora. Bariyo; yagiye mu butayu. Bavuye mu ngo zabo baja mu butayu, kugira ngo babimenye. Basize ubwoko bwabo n'ibintu byose, kugira ngo babone ubushake bw'Imana. Murareba?

<sup>165</sup> Bahuguwe mu buryo bumwe; Imana yabahinduyemo abandi. Bagomba kuba imfungwa zuzuye, kudakora mu buryo bashakaga gukora, ahubwo bakore mu buryo Imana yashakaga ko bakora. Ni wawundi ejo, uyu muni, n'iteka ryose.

<sup>166</sup> Twabonye indi minota icumi, kugira ngo dukore ibi?

<sup>167</sup> Ngiye guhita nihuta ngere ku wundi muntu. Ndabona umwe imbere yanjye nonaha. Yitwa Yozefu. Yari umuhungu watoranijwe. Yari urugero rutunganye rwa Yesu Kristo. Yavutse ari umuhanuzi. Yari umuhanuzi, nawe. Murareba? Noneho yashoboraga kubona iyerekwa. Kandi akiri muto, yabonye iyerekwa rye yicaye ku ntebe y'ubwami, bene se baramwunamira. Murareba? Ariko murebe. Ahinduka... Yumvaga ari umusore ukomeye. Murareba? Kandi bose...

<sup>168</sup> Ariko Imana yagombaga gukora iki? Yakoze ikintu nk'icyo yakoreye abasigaye. Kubera ko, Mose yari umukiza, Pawulo yari umukiza, noneho Yosefu nawe yari umukiza. Yakijije ubwoko bwe inzara.

<sup>169</sup> Ni iki Imana yagombaga kumukorera? ni ukumushyira muri gereza, kumushyira muri gereza. Yego mugenzi. Mwibuke ko yagurishijwe na bebe se, ku Munyegiputa. Bamugurisha kuri Potifari. Kandi Potifari amuha umudendezo muto, kandi, ikintu cya mbere muzi ko, cyamukuweho. Agezeyo, yicara muri gereza, ararira, ararira. Imana yagombaga kubikuraho.



170 Noneho icyitonderwa. Ariko, igihe cyose, ndizera ko we, muri iyo gereza, yashoboraga kwibuka ko iyerekwa ryavuze ko agiye kwima ingoma, kandi bene se bagiye kumwunamira, kuko yari azi ko impano ye ituruka ku Mana. Kandi yari azi ko ari byo, bigomba gusohora.

171 Niba twashoboraga kubizirikana gusa, kandi dukurikije Ijambo ry’Imana, ko muri iyi minsi ya nyuma We azagira Itorero, We azagira abantu. Kandi ibyo bintu yasezeraniye, agiye kubikora. Yavuze ko azabikora, kandi turi muri icyo gihe. Tukirimo. Arimo kugerageza gusa kutubona nk’imfungwa nyazo, zifunzwe na We.

172 Mwumvise ya ndirimbo ya kera turirimba, “Noneho mfungwiye ku Mana”? Ndashaka gufungwa n’Imana. Noneho, ni ho natekereje kuri ibi. Gufungirwa ku Mana, nta kindi, kandi ukagenda gusa ari uko Imana ivuze ngo genda. Ugakora gusa ari uko Imana ivuze ngo kora, murareba, noneho ubwo uba ufunzwe n’Imana.

173 Noneho nimwibuke, yatekerezaga. Yabayeye kandi nk’uneshejwe, ku bwe. Ibyo yari azi byose, ibyo yumvise byose, n’ibintu byose, ahinduka uneshejwe rwose. Ntabwo byakoraga. Yashyizwe mu bihe aho nta muntu n’umwe uzamwumva. Yari imbohe. Murareba? Yashyizwe mu bihe, abatizera batemera. Murabona icyo nshaka kuvuga? Umurimo we ntacyo wamaze. Abantu bahindukiza imitwe yabo. Ntabwo bari kumwitaho muri gereza. Ni ubuhe butumwa umurimo we wari gukora? Ashobora guhagarara imbere y’abanyamategeko ba gereza akababwiriza; bari kugenda mu muhanda. Murareba? Ariko ahinduka imbohe. Imana imugumana ari imbohe, kugeza igihe uruziga ruzungurutse neza. Aravugaga ati: “Dore umugabo nemera.” icyubahiro kibe icy’Imana! Kuneshya rwose!

174 Amaherezo, Imana yaje aho ari muri gereza ye. Kimwe na Pawulo, kimwe n’abandi bese, yaramwegereye. Kandi yakoresheje impano yari yamuhaye, kugirango imukureyo. Ni byo. Imuvana muri gereza ye. Yakoze iki? Ikimara kumuvana muri gereza ye, yahawe imbaraga n’umwami, umwami we, ashyira ku ruhanda, ko ari muni ye. Yakuwe mu nzu ya gereza ahabwa ububasha, kugira ngo ibyo yavuze byose bibeho. Amina.

175 Muri gereza ye, yahoraga yibuka, yavutse afite intego. Yari agiye kwicara iruhanda rw’umwami. Abasigaye bese bagiye kumupfukamira. Iyerekwa rye ryari ryabimubwiye. Amina. Ariko mbere y’uko icyerekezo cy’e gisohora, yagombaga kuba imfungwa. Amina. Hanyuma agahinduka umutegetsi. Kandi avuye mu nzu ye ya gereza, ahinduka imbohe y’Ijambo ry’Imana, ko yashoboraga kuvuga gusa ibyo Imana yashyize mu kanwa ke ngo abe ari byo avuga, noneho Imana ibimunyuzamo.

176 Menya ko Mose yari afite imbaraga zo guhambira ibikomangoma bya Farawo, ku bushake bwe. “Niba mushobora

kubwira uyu musozi muti: ‘Imuka.’” Uh-huh, uh-huh. Yari afite imbaraga zo guhambira ibikomangoma bya Farawo. Niba bari abadiyakoni, cyangwa abapadiri, cyangwa niba ari— abahagarariye Leta cyangwa ibyo ari byo byose. Yaravuze ati: “Ndaguhambiriye,” kandi bahitaga babohwa. Ni ko byari bimeze. Yashoboraga kubikora ku ijambo rye, ku bushake bwe. Amina. Imana ihabwe icyubahiro!

Yoo, Mfite iminota igera kuri itatu gusa, noneho ndifashe ku ijambo ryanjye.

<sup>177</sup> Noneho tumenye, ko we—ahinduka imbohe ku Mana, kuva ku mfungwa kugeza ku isi. Kuva... Pawulo, kimwe. Kandi Mose, kimwe, kuva ku mugororwa kugeza mu bitekerezo bye, kugeza ku mugororwa kugeza ku Mana. Kandi ubwo yasohokaga, yari afite imbaraga z’Imana. Kandi ubwo yahindukaga Pawulo... Ubwo Mose yavaga ku bitekerezo bye bwite, kandi akabizibukira, yahindutse imbohe y’Ijambo rya Kristo. Birashobora kwimuka bikaba n’ahandi hose... .

Uravuze ngo: “Kristo?”

<sup>178</sup> “Yubahaga gutukwa kwa Kristo kuruta ubutunzi ubw’Abanyegiputa.” Yabayeye imbohe kuri Kristo, nk’uko Pawulo yari ari.

<sup>179</sup> Wibuke ko bose uko ari batatu bari abahanuzi. Murareba? Bagomba kwamburwa ibitekerezo byabo, kugira ngo babe imbohe ku bushake n’inzira z’Imana.

<sup>180</sup> Noneho turibuka, noneho, ko yari afite imbaraga zo guhambirwa, ku ijambo rye bwite. Yari afite imbaraga zo gutakaza, biturutse ku ijambo rye. Yashobora kuvuga ati: “Ndakurekuye, mu izina ry’umwami wanjye.” Amina. Farawo yagize Yosefu umuhungu we.

<sup>181</sup> Kristo agira abe, imfungwa z’urukundo, abahungu be. Kandi abaha imbaraga, cya kintu kimwe We yari afite. Mutagatifu Yohani 14:12, “Unyizera,” murareba, “imirimo nkora nawe azayikora. Ndetse n’ibirenze ibyo azabikora.” Noneho imfungwa y’urukundo rwa Kristo ihabwa imbaraga n’Umwami we, Ari we Kristo. Amina. “Ndababwira nkomeje ko nimubwira uyu musozi muti: ‘Egerayo,’ kandi ntimugire gushidikanya mu mutima wanyu, ahubwo mukemera ko ibyo mwavuze bizasohora, muzabona ibyo mwavuze. Niba mugumye muri nje, n’Ijambo ryanjye rikaba muri mwe; niba mubohewe kuri nje,” kuko We ari umwe n’Ijambo rye. “Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n’Imana. Jambo yahinduwe umubiri kandi atura muri twe. Uko yari ari ejo, uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose! Nimuguma muri nje,” ntabwo ari *hano* na *hariya*, “ni muguma muri nje, n’Ijambo ryanjye rikaba muri mwe; musabe icyo mushaka, cyangwa muvuge icyo mushaka, muzagihabwa.” Yari afite imbaraga.

182 Menya ko, mbere y'uko asohoka, yagombaga gukurwamo no kogoshwa. Ibintu bike byabaye ngombwa ko bogosha mbere yuko ahura n'umwami we. Murareba?

183 Yoo, Imana rimwe na rimwe ikuramo ubwoko bwayo gutya, ikogosha bike biri mu bushake bwabo, ikabereka ko badashobora gukora ibyo bashakaga gukora. Uzi icyo nshaka kuvuga. Ntabwo ba—ntabwo bafite umudendezo wo gukora ibyo bashakaga gukora. Mbere y'uko bashobora kwinjira mu bubasha bwuzuye no kuba imbata y'urukundo rwa Kristo, bagomba kwiyogoshesha hanyuma bakerekanwa. Rimwe na rimwe, We abajyana mu butayu, kubikora, kubogosha. Noneho akabakurayo, abo basizwe, kugira ngo basohoze intego We yabategetse kugeraho. Murareba icyo nshaka kuvuga?

Bakundwa, turi mu gihe cyanyuma.

184 Ibuka, ibindi bihe byose, ibyo We yakoze. Buri gihe agomba gufata umuntu akamugira imbohe, akareka ibye. Yagombaga kureka ibintu byose yari azi, akibagirwa imyitoto ye yose, n'ibindi byose, kugira ngo amenye ubushake bw'Imana, no gukurikira Imana.

185 Ntashobora gukurikira ikintu cyose umuntu agomba gukora, kandi Imana, icyarimwe. Biratandukanye cyane, umwe ku wundi. Ntushobora kujya iburasirazuba n'iburengerazuba icyarimwe. Ntushobora kugenda iburyo n'ibumoso icyarimwe. Ntushobora gukora icyiza n'ikibi icyarimwe. Ntushobora gukurikira umuntu n'Imana icyarimwe. Oya, Mugenzi. Uhitamo gukurikira Imana cyangwa gukurikira umuntu.

186 Noneho rero, niba ukurikira Imana ukaba wiyeguriye Imana, ubwo noneho uhinduka imbohe kuri iyo Mana, ku Ijambo, kuri ubwo bushake. N'ubwo havugwa ibimeze bite, uhinduka i—imfungwa kuri Ryo.

187 Nimwumve. Turi mu gihe cya nyuma. Kandi ibi ndabivuga mfite gutinya no kubaha, mu gihe iminota ya nyuma irimo inshirana. Murareba. Icyo Imana, mbona, izakora kandi igomba gukora, kandi izakora muri iyi minsi ya nyuma, ni ugushaka igikoresho cyo gusarura. Agomba gushaka igikoresho, cyo guhurisha ibisarurwa. Umuhinzi uwo ari we wese, iyo agiye gusarura, agomba kugira igikoresho cyo kubikora; rwose, agomba kugira umuhoro utyaye cyangwa ikindi kintu, igikoresho runaka, kugira ngo ahurishe ingano. Kandi ibisarurwa bireze.

188 Mana, dufate mu kiganza cyawe. Duhindure imbata-imbata y'urukundo rwawe. Dukoreshe ibikoresho, kugira ngo tuzane gusobanukirwa kuri iyi si y'icyaha, yavumwe turimo uyu muni, ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ariko ari, kandi ari ko azahora iteka ryose.

189 Ku bwanjye, Mana, reka mbe imbohe. N'ubwo abavandimwe banjye bose banyanga, n'ubwo inshuti zanjye zose zanyanga,

ndashaka kuba imbohe ya Yesu Kristo n'Ijambo Rye, kugira ngo nkoreshwe n'Ijambo Rye, n'Umwuka Wera, kubona Umwuka Wera utuma Ijambo ry'Imana rihamirizwa na byabindi We yavuze ko bizakorwa. Ndashaka kuba imbohe ya Yesu Kristo.

Mureke dusenge.

<sup>190</sup> Ndibaza, iri joro, twunamishe imitwe yacu, niba icyo cyifuzo dufite, cyo kuba ikindi, cyangwa birashoboka ku kintu dushobora gutekereza, kuba ikintu cy'ubwikunde, twibaze niba tudashobora kugishyira ku ruhande.

<sup>191</sup> Ndibaza niba hari umusore ukiri muto hano, muri iri joro, murebe hirya no hino, muvuga muti: “Ngiye kuba, ntyo, nzaba ikintu *runaka-runaka*.” Ndibaza niba ushobora kumva ubushake bw'Imana bugenda mu buzima bwawe, ukavuga uti: “Oya, oya. Uh-huh, uh-uh. icyifuzo cyanjye cyatakaye ubu. Mu minsi yashize, Umwuka Wera yavuganaga nanjye. Nda—Nda—Nda—Ndashaka kwiye gurira Imana, kugira ngo mbe igikoresho gikoreshwa muri iyi minsi ya nyuma.”

<sup>192</sup> Umukobwa ukiri muto ushobora kuba afite intego zo kuba umudamu mwiza, cyangwa—cyangwa se umugore mwiza ufite uburanga, cyangwa birashoboka ko umunsi umwe uzahindura Hollywood umwuga wawe, Ndi—Ndibaza niba mudashaka noneho gutanga icyifuzo cyanyu imbere y'Imana n'Ijambo Ryayo, umva umuhamagararo w'Imana mu buzima bwanyu bwite. Imana izi abo muri bo.

<sup>193</sup> Ndibaza niba hashobora kubaho umukozi w'Imana hafi, cyangwa umukozi, umukozi aho ari ho hose mu rusengeru. Gusa ninjira hano, rimwe na rimwe. Nta—ntabwo nzi kimwe cya gatatu cy'abantu bicaye hano, muri iri joro, ariko njye, ibi biganza bikeya biri hano, ariko nibaza niba habaho umuntu nk'uyu, ku buryo mwaba mwiguye kuvuga muti: “Sinzi icyo umuntu avuga. Ndi imbata y'Imana ubu. Ndi—Ndi—Ngiye kwamamaza Ijambo Rye, ntacyo nitayeho. Habe nubwo i—idini yanjye yanyirukana, nzakomeza kugumana n'iri Jambo. Ngi—Ngiye kubikora. Ubushake bwanjye ni ubushake bw'Imana. Ubushake bw'Imana ni ubushake bwanjye. Ngiye kuba imbohe kuri Yesu Kristo. Kubw'ubuntu n'ubufasha Bwe, nzabikora.”

<sup>194</sup> Nimubitekerezeho, mu gihe twunamishije imitwe. Ni bangahe bafite icyo cyifuzo, muri iri joro? Muzamure ibiganza byanyu. Nanjye nzamuye icyanjye. Ntanze byose. Hamwe n'imitwe yunamye nonaha, buhoro buhoro, nk'uko mubitekerezaho nonaha, mu gihe musenga.

Natanze byose,  
Natanze byose,  
Byose kuri wowe, Umukiza wanjye muhire,  
Natanze byose.

Natanze- . . .

195 Urashaka kuvuga koko? uti: “Ndashaka kuba imfungwa.”

Nda...

“Mfata mu kuboko kwawe, Mwami. Unjyane mu nzu yo Kubumbiramo, iri joro. Umvunagure muri byose, kandi umbumbabumbe...?...”

...kuri wowe, Umukiza wanjye muhire,  
Naguhaye byose.

196 Data wo mw’Ijuru, nk’uko indirimbo ikomeza gucuranga, Natekereje ko ari iby’inyungu cyane muri iki gihe, ko njye—Njye nacamo indirimbo nkavugana nawe akanya gato. Nk’uko abantu babitekereza, “Natanze byose,” Data, reka dukore ibi, nk’aho ari yo mahirwe yacu ya nyuma yo kubikora. Reka tuze tubikuye ku mutima, tujye ku meza y’Uwiteka, nk’uko byari bimeze, n’imyambaro yogejwe, umutima wogejwe, ubushake bwogejwe, kugira ngo tukwiyegurire.

197 Reka Imana ifate Ijambo Ryayo, iduhuze hamwe na Ryo, Ijambo ry’Imana. Kandi Umwuka Wera adutwara nonaha, nk’uko twumva iminsi ikomanga ku mitima yacu, “Kuva kuriuyu mugoroba, ngufatiye ku ijambo ryawe. Noneho sigaho gutekereza ibitekerezo byawe. Tekereza ibitekerezo byanjye. Tekereza ubushake Bwanjye. Nzakuyobora.” Mana, biduhe kuko bizaba ari ubunararibonye kuri buri wese uri hagati muri twe.

198 Uru rubyiruko rwicaye hano; umugabo n’umugore; ndetse bamwe baza kuba umugabo n’umugore. Hano hari abagabo bakuze bicaye hano, abo ni abakozi b’Imana, bagenze aho hose ku mihanda. Kandi, Mwami, dore hano hari Mwene Data Neville, njye, ndimo ndazamuka ku mitambiko y’urwego. Iminsi yacu irabaze ubu. Intambwe zacu zakozwe neza kuruta ibyo twakoze. Turareba aho twerekeza. Ntabwo twiyizeye by’ukuri, mu buryo bugaragara tuvugishije ukuri, nk’uko twahoze. Ariko, Mwami, nk’uko tubona ko ubuzima bupfa burimo kurangira, kandi nta n’imwe mu ntambwe zacu yizewe Utadufashe ukuboko.

199 Noneho, Mana, dufate, ese uzabikora? Fata imitima yacu n’ubushake bwacu mu biganza Byawe Bwite, maze utureke duhinduke imbohe, iri joro, ku Ijambo, kuri Kristo. Reka tubeho ubuzima bwa kimana hano. Reka abo bagore, aba bakobwa bakiri bato, aba basore, abahungu n’abakobwa, batange ubuzima bwabo, Mwami. Kandi ibyifuzo byabo bibe ibyo gukorera Yesu Kristo, kandi reka, babe imbohe y’ubuntu Bwe bwa Kimana n’ubushake. Biduhe, Mwami.

200 Ibi ni byo byonyine nzi gukora, Mwami. Aya magambo y’incamake, kandi ni—nizera ko Uzayashyira hamwe, neza. Kubera ko, hano harashyushye, kandi abantu barashaka gutega amatwi, ariko harashyushye rwose. Kandi benshi bagomba gutaha bakajya ku kazi hakiri kare. Ariko izo mbuto nizinjire mu mitima yabo, “imfungwa.”

<sup>201</sup> Jya mu rugo ubwire umugore, nk’uko ba...’Mbere y’uko bitegura kumanuka ngo bajye gusenga, nyuma ya saa sita, cyangwa nimugoroba, hafi y’igitanda, murebane umwe ku wundi, muvuge muti: “Nshuti, ibyo bimeze bite, iri joro? Mbese twahindutse imbohe kuri Kristo n’ubushake Bwe, cyangwa—cyangwa dukorera mu bushake bwacu bwite?”

<sup>202</sup> Reka abasore n’inkumi, ahantu hose, cyane cyane kuri abo bumvise Ubutumwa, iri joro, bibaze ubwabo icyo kibazo kimwe bati: “Mbese niteguye kuba imfungwa, ngaheba ubuzima bwanjye bwite?”

<sup>203</sup> “Uzakiza ubuzima bwe azabubura, ariko uzatakaza ubuzima bwe ku bwanjye azabubona.” Data, turabizi, ni byo: kuba imbohe Yawe, kureka intumbero zacu n’ibiyifuzo byacu, kugira ngo tubone Ibyawe, hanyuma turonke Ubugingo Buhoraho. Biduhe, Mwami.

<sup>204</sup> Gusa ikintu nzi, ni ukubye gurira mu biganza Byawe nonaha. Kandi reka byere imbuto kandi bibyare ibi—ibikoresho bikomeye byo gusarura umunsi wa-nyuma, abagabo n’abagore, abahungu n’abakobwa, biyeguriye ubushake bwuzuye bw’Imana, maze bahinduka imbohe za Yesu Kristo, ku rukundo Rwe, ziboheshejwe iminyururu y’urukundo rw’Imana kuri Kristo. Turabisaba mw’Izina Rye.

Nkweguriye byose,

Reka duhaguruke.

Nkweguriye byose,

Byose kuri Wowe, ibyanjye...?...


<sup>205</sup> Reka twongere tubivuge, duhumirije kandi tuzamuhe ibiganza.

Nkweguriye byose,

Nkweguriye byose,

Byose kuri Wowe, Umukiza wanjye wahawe umugisha,

Nkweguriye byose.

<sup>206</sup> Noneho, niba twese twunamishije imitwe yacu, kandi mbere y’uko indirimbo yo gusezera iririmbwa, ya *Fata Izina rya Yesu Hamwe Nawe*, Ngiye kubaza ko—ko uyu muvandimwe uri hano... Nibagiye izina rye. Mushiki wacu watanze ubuhamya ku iyerekwa ry’umwijima uje, yakize. Kandi wibuke, usubije amaso inyuma, umwenda wari utwikiriye wari wavuyeho. Ukwizera kwe kwabikoze. Dusezerere mw’isengesho, urabikora, mwene Data? Kandi udusabire imigisha y’Imana. 

63-0717 Imfungwa  
Urusengero rwa Branham  
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2024 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS  
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.  
[www.branham.org](http://www.branham.org)

## Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

[www.branham.org](http://www.branham.org)